ITEGEKO N° 028/2019 RYO KU WA 19/09/2019 RYEREKEYE UMUTEKANO W'IBY'INDEGE ZA GISIVIRI

LAW Nº 028/2019 OF 19/09/2019 RELATING TO CIVIL AVIATION SECURITY

LOI Nº 028/2019 DU 19/09/2019 RELATIVE À LA SÛRETÉ DE L'AVIATION CIVILE

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Ingingo ya 2: Intego y'iri tegeko

Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko

Ingingo ya 4: Ibisobanuro by'amagambo

UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA BY'INZEGO Z'IMIRIMO

Ingingo ya 5: Inshingano za Minisitiri mu bijyanye n'iby'umutekano w'iby'indege za gisiviri

Ingingo ya 6: Inshingano z'Urwego mu bijyanye n'umutekano w'iby'indege za gisiviri

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

Article 2: Purpose of this Law

Article 3: Scope of this Law

Article 4: Definitions

CHAPTER II: RESPONSIBILITIES AND POWERS OF ORGANS

Article 5: Responsibilities of the Minister in relation to civil aviation security

Article 6: Responsibilities of the Authority in matters relating to civil aviation security

TABLE DES MATIÈRES

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES

Article premier: Objet de la présente loi

Article 2: Objet de la présente loi

Article 3: Champ d'application de la présente loi

Article 4: Définitions

CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS ET POUVOIRS DES ORGANES

Article 5: Attributions du Ministre en matière de sûreté de l'aviation civile

Article 6: Attributions de l'Office en matière de sûreté de l'aviation civile

Ingingo ya 7: Ububasha bw'Umuyobozi Mukuru w'Urwego mu bijyanye n'umutekano w'iby'indege za gisiviri	**Article 7: Powers of the Director General of the Authority in matters relating to civil aviation security**	**Article 7: Pouvoirs du Directeur général de l'Office en matière de sûreté de l'aviation civile**
Ingingo ya 8: Ububasha bw'umugenzuzi w'umutekano w'iby'indege za gisiviri	**Article 8: Powers of the civil aviation security inspector**	**Article 8: Pouvoirs de l'inspecteur en sûreté de l'aviation civile**
Ingingo ya 9: Gutanga ububasha	**Article 9: Delegation of power**	**Article 9: Délégation de pouvoir**
Ingingo ya 10: Ishyirwaho rya Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'indege za gisiviri na Komite ishinzwe Umutekano w'ikibuga	**Article 10: Establishment of a National Civil Aviation Security Committee and an Airport Security Committee**	**Article 10: Création d'un Comité national de sûreté de l'aviation civile et du Comité national de sûreté aéroportuaire**
UMUTWE WA III: GAHUNDA Z'UMUTEKANO W'IBY'INDEGE ZA GISIVIRI	**CHAPTER III: NATIONAL CIVIL AVIATION SECURITY PROGRAMME**	**CHAPITRE III: PROGRAMME NATIONAL DE SÛRETÉ DE L'AVIATION CIVILE**
Ingingo ya 11: Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'indege za gisiviri	**Article 11: National Civil Aviation Security Programme**	**Article 11: Programme national de sûreté de l'aviation civile**
Ingingo ya 12: Gahunda y'Igihugu yo kugenzura imitunganyirize y'umutekano w'iby'indege za gisiviri	**Article 12: National Civil Aviation Security Quality Control Programme**	**Article 12: Programme national de contrôle dela qualité de la sûreté de l'aviation civile**
Ingingo ya 13: Ubwigenge mu ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'Igihugu yo gukurikirana imitunganyirize y'umutekano w'iby'indege za gisiviri	**Article 13: Independence in the implementation of the National Civil Aviation Security Quality Control Programme**	**Article 13: Indépendance dans la mise en œuvre du Programme national de contrôle de qualité de la sûreté de l'aviation civile**
Ingingo ya 14: Gahunda y'Umutekano w'ikibuga cy'indege	**Article 14: Airport Security Programme**	**Article 14: Programme de sûreté de l'aéroport**

Ingingo ya 15: Gahunda y'Umutekano ya nyir'indege	**Article 15: Aircraft Operator Security Programme**	**Article 15: Programme de sûreté de l'exploitant de l'aéronef**
Ingingo ya 16: Gahunda y'umutekano y'umuntu cyangwa ikigo kigenzurwa	**Article 16: Security Programme of regulated agents or companies**	**Article 16: Programme de sûreté d'agents ou sociétés réglementés**
Ingingo ya 17: Gahunda y'Umutekano y'isosiyete ishinzwe gutanga amafunguro yo mu ndege	**Article 17: Catering operator security programme**	**Article 17: Programme de sûreté des prestataires de restauration à bord**
Ingingo ya 18: Gahunda y'Igihugu y'amahugurwa ku bijyanye n'umutekano w'iby'indege za gisiviri	**Article 18: National Civil Aviation Security Training Programme**	**Article 18: Programme National de Formation en matière de Sûreté de l'Aviation civile**
Ingingo ya 19: Gahunda y'umutekano y'abatanga serivisi zo kuyobora indege mu kirere	**Article 19: Air Navigation service providers Security Programme**	**Article 19: Programme de sécurité des prestataires de services de navigation aérienne**
Ingingo ya 20: Gahunda y'amahugurwa y' ushinzwe ibikorwa	**Article 20: Operator's training programme**	**Article 20: Programme de formation de l'exploitant**
UMUTWE WA IV: INGAMBA ZO GUKUMIRA UMUTEKANO MUKE	**CHAPTER IV: PREVENTIVE SECURITY MEASURES**	**CHAPITRE IV: MESURES PREVENTIVES DE SURETE**
Ingingo ya 21: Gukumira ibikorwa binyuranyije n'amategeko	**Article 21: Prevention of unlawful acts**	**Article 21: Prévention des actes illicites**
Ingingo ya 22: Icungwa ry'umutekano w'ikibuga cy'indege	**Article 22: Airport security control**	**Article 22: Contrôle de Sûreté aéroportuaire**
Ingingo ya 23: Igenwa ry'ahantu ntavogerwa n'ibiharanga	**Article 23: Designation of security restricted areas**	**Article 23: Désignation des zones de sûreté à accès réglementé**

Ingingo ya 24: Uruhushya rwo kwinjira ahantu ntavogerwa	**Article 24: Permission to access security restricted areas**	**Article 24 Permis d'accès aux zones de sûreté à accès réglementé**
Ingingo ya 25: Uruzitiro rw'ikibuga cy'indege	**Article 25: Airport boundaries**	**Article 25: Limite aéroportuaire**
Ingingo ya 26: Kwitwaza cyangwa kwinjiza imbunda, ibisasu, ibiturika, ibindi bintu byatera akaga cyangwa inkongi y'umuriro ku kibuga cy'indege	**Article 26: Carriage or introduction of firearms, explosives or other items likely to cause danger or fire into airport premises**	**Article 26: Transport ou introduction d'armes à feu, explosifs ou autres articles susceptibles de causer un danger ou un incendie dans les locaux aéroportuaires**
Ingingo ya 27: Kugenzura ibibujijwe	**Article 27: Control of prohibited items**	**Article 27: Contrôle des articles interdits**
Ingingo ya 28: Uruhare rw'abakodesha cyangwa abakorera ku kibuga cy'indege mu gucunga umutekano	**Article 28: Security responsibilities of airport tenants or operators**	**Article 28: Responsabilités des locataires ou exploitants de l'aéroport en matière de sécurité**
Ingingo ya 29: Ububasha bw'umuntu ucunga ikibuga cy'indege mu gihe cy'umutekano muke	**Article 29: Powers of the airport operator in the event of a security threat**	**Article 29: Pouvoirs de l'exploitant aéroportuaire en cas de menace**
Ingingo ya 30: Kubika inyandiko	**Article 30: Recordkeeping**	**Article 30: Conservation des documents**
Ingingo ya 31: Inshingano za nyir'indege cyangwa ukoresha indege	**Article 31: Responsibilities of an aircraft owner or operator**	**Article 31: Responsabilités du propriétaire ou de l'exploitant d'aéronef**
Ingingo ya 32: Kubuza abantu kugera mu cyumba cy'abapilote b'indege	**Article 32: Restricted access to flight crew compartment**	**Article 32: Interdiction d'accès à la cabine de pilotage**

Ingingo ya 33: Abagenzi bakurikiranywe n'inzego z'ubutabera cyangwa iz'ubuyobozi n'ababaherekeje	**Article 33: Passengers under administrative or judicial control and persons escorting them**	**Article 33: Passagers faisant l'objet de poursuites judiciaires ou de contentieux administratifs et les personnes qui les escortent**
Ingingo ya 34: Uburyo bwemewe bwo gutwara intwaro mu ndege n'ahantu ntavogerwa	**Article 34: Authorized carriage of weapons on board aircraft and in security restricted area**	**Article 34: Transport autorisé d'armes à bord d'un aéronef et dans une zone de sûreté à accès interdit**
Ingingo ya 35: Umuntu ushinzwe umutekano mu ndege	**Article 35: In-flight security officer**	**Article 35: Officier de sûreté en vol**
Ingingo ya 36: Umuzigo udafite nyirawo	**Article 36: Unidentified baggage**	**Article 36: Bagages non identifiés**
Ingingo ya 37: Ububasha bwo guhagarika umugenzi	**Article 37: Power to stop passengers from travelling**	**Article 37: Pouvoir d'interdire le voyage des passagers**
Ingingo ya 38: Ububasha bw'umupilote mukuru w'indege, umukozi wo mu ndege cyangwa umugenzi	**Article 38: Powers of the pilot in command, any member of the crew, or any passenger**	**Article 38: Pouvoirs du commandant de bord, d'un membre de l'équipage ou du passager**
Ingingo ya 39: Ububasha bw'umuntu ushinzwe umutekano w'iby'indege za gisiviri	**Article 39: Powers of a civil aviation security officers**	**Article 39: Pouvoirs des officiers de sûreté de l'aviation civile**
Ingingo ya 40: Ubusonerwe	**Article 40: Exemptions**	**Article 40: Exemptions**
UMUTWE WA V: GUTABARA AHABAYE IBIKORWA BINYURANYIJE N'AMATEGEKO	**CHAPTER V: RESPONSE IN CASE OF UNLAWFUL ACTS**	**CHAPITRE V: RIPOSTE EN CAS D'ACTES ILLICITES**

Ingingo ya 41: Ingamba zo guhangana n'ibikorwa binyuranyije n'amategeko	**Article 41: Measures against unlawful acts**	**Article 41: Mesures contre les actes illicites**
Ingingo ya 42: Kumenyekanisha no gutanga raporo ku gikorwa kinyuranyije n'amategeko	**Article 42: Notifying and reporting unlawful acts**	**Article 42: Faire un rapport ou informer de tout acte illicite**
Ingingo ya 43: Kumenyesha Umuryango Mpuzamahanga w'iby'indege za gisiviri	**Article 43: Notification to the International Civil Aviation Organization**	**Article 43: Informer l'Organisation de l'Aviation civile internationale**
UMUTWE WA VI: AMAKOSA YO MU RWEGO RWUBUTEGETSI, IBYAHA N'IBIHANO	**CHAPTER VI: ADMINISTRATIVE FAULTS, OFFENCES AND PENALTIES**	**CHAPITRE VI: FAUTES ADMINISTRATIVES, INFRACTIONS ET PEINES**
Ingingo ya 44: Amakosa yo mu rwego rw'ubutegetsi n'ibihano byayo	**Article 44:Administrative faults and related penalties**	**Article 44: Fautes administratives et peines y relatives**
Ingingo ya 45: Guhohotera, gutambamira cyangwa kwigomeka k'ushinzwe umutekano	**Article 45: Assault, obstruction or disobedience against a security officer**	**Article 45: Agression, entrave ou intimidation contre un agent de sûreté**
Ingingo ya 46: Kutamenyesha no kudatanga raporo ku gikorwa kinyuranyije n'amategeko	**Article 46: Failure to notify and report about an unlawful act**	**Article 46: Omission d'aviser et de signaler un acte illicite**
Ingingo ya 47: Gukoresha imbaraga cyangwa gukangisha gukoresha imbaraga ku kibuga cy'indege	**Article 47: Use of force or threat to use force at the airport**	**Article 47: Usage de la force ou menace d'usage de la force à l'aéroport**
Ingingo ya 48: Kwinjira ahantu ntavogerwa cyangwa kuhinjiza ikintu kibujijwe	**Article 48: Entering a security restricted area or entering such an area with a prohibited item**	**Article 48: Entrer dans une zone de sûreté à accès réglementé ou y entrer avec un article interdit**

Ingingo ya 49: Icyaha cyerekeranye n'uruhushya rwo kwinjira ahantu ntavogerwa ku kibuga cy'indege	**Article 49: Offence relating to airport restricted security area permit**	**Article 49: Infraction relative au permis d'accès aux zones de sûreté à accès réglementé de l'aéroport**
Ingingo ya 50: Gukoresha ingufu, agahato cyangwa iterabwoba hagamijwe kuyobya indege, kuyishimuta cyangwa kuyituritsa	**Article 50: Use of force, threats or terror to hijack , seize control of, or blow up an aircraft**	**Article 50: Recours à la force, aux menaces ou à la terreur dans l'intention de détourner ou de prendre contrôle d'un aéronef ou de le faire exploser**
Ingingo ya 51: Icyaha gikorewe abakozi bo mu ndege ya gisiviri	**Article 51: Offence committed against crew members on board a civil aircraft**	**Article 51: Infraction commise contre des membres d'équipage à bord d'un aéronef civil**
Ingingo ya 52: Kwitwaza intwaro, ibisasu, ibiturika n'ibintu byatera inkongi y'umuriro	**Article 52: Possession of weapons, bombs, explosives and other flammable materials**	**Article 52: Possession d'armes, de bombes, d'explosifs ou d'autres matières inflammables**
Ingingo ya 53: Kubangamira imikorere y'indege	**Article 53: Interference with aircraft operations**	**Article 53: Interférence avec les opérations aériennes**
Ingingo ya 54: Gutunga urumuri rukabije ku ndege ya gisiviri	**Article 54: Projection of directed bright light source at a civil aircraft**	**Article 54: Projection d'une source lumineuse dirigée vers un aéronef civil**
Ingingo ya 55: Gutanga amakuru atari yo ashobora kubangamira umutekano w'iby'indege za gisiviri	**Article 55: Communication of false information that is likely to endanger the safety of civil aviation**	**Article 55: Communication de fausses informations susceptibles de mettre en péril la sureté de l'aviation civile**
Ingingo ya 56: Ibyaha bikozwe n'isosiyete, umuryango, ikigo, koperative, bifite ubuzimagatozi	**Article 56: Offences by a company, an organization, an institution, cooperatives with legal personality**	**Article 56: Infractions commises par une société commerciale, une organisation, un établissement,**

		coopératives dotés de la personnalité juridique
UMUTWE WA VII: INGINGO IZIGAMA N'IZISOZA	**CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VII: DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 57: Ingingo izigama	**Article 57: Saving provision**	**Article 57: Disposition de sauvegarde**
Ingingo ya 58: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	**Article 58: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 58: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 59: Ivanwaho ry'Itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko	**Article 59: Repealing provision**	**Article 59: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 60: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 60: Commencement**	**Article 60: Entrée en vigueur**

ITEGEKO N° 028/2019 RYO KU WA 19/09/2019 RYEREKEYE UMUTEKANO W'IBY'INDEGE ZA GISIVIRI

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 15 Nyakanga 2019;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120, iya 168 n'iya 176;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yashyiriweho umukono i Chicago ku wa 7 ukuboza 1944 arebana n'iby'indege za gisiviri nk'uko yemejwe n'Itegeko ryo ku wa 30 Mata 1947 yavuguruwe n'amasezerano

LAW Nº 028/2019 OF 19/09/2019 RELATING TO CIVIL AVIATION SECURITY

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 15 July 2019;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 168 and 176;

Pursuant to the Convention on International Civil Aviation signed in Chicago on 7 December 1944, as ratified by the Law of 30 April 1947 and amended by the Protocol signed at

LOI Nº 028/2019 DU 19/09/2019 RELATIVE À LA SÛRETÉ DE L'AVIATION CIVILE

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 15 juillet 2019;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 168 et 176;

Vu la Convention relative à l'aviation civile internationale signée à Chicago le 7 décembre 1944, telle que ratifiée par la Loi du 30 avril 1947 et modifiée par le Protocole

mpuzamahanga yashyiriweho umukono i Montréal kuwa 16 Ukwakira 1974 nk'uko yemejwe n'Itegeko Teka nº 15/76 ryo ku wa 7 Mata 1976;

Montreal on 16 October 1974, as ratified by Decree-Law n° 15/76 of 7 April 1976;

signé à Montréal le 16 octobre 1974, telle que ratifiée par le Décret-loi n° 15/76 du 7 avril 1976;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga ku byaha n'ibindi bikorwa bikorewe mu ndege yashyiriweho umukono i Tokyo ku wa 14 Nzeri 1963 akemezwa n'itegeko ryo kuwa 23 Mutarama 1971;

Pursuant to the Convention on Offences and Certain Other Acts Committed on Board Aircraft signed in Tokyo, on 14 September 1963 and ratified by the Law of 23 January 1971;

Vu la Convention relative aux infractions et à certains autres actes survenant à bord des aéronefs signée à Tokyo le 14 septembre 1963 telle que ratifiée par la Loi du 23 janvier 1971;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yashyiriweho umukono i La Haye ku wa 16 Ukuboza 1970 arebana n'ihanwa ry'ibikorwa by'ifatira ry'indege binyuranyije n'amategeko nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 289/16 ryo ku wa 15 Gicurasi 1987;

Pursuant to the Convention for the Suppression of Unlawful Seizure of Aircraft signed at The Hague on 16 December 1970, as ratified by Presidential Order n° 289/16 of 15 May 1987;

Vu la Convention pour la répression de la capture illicite d'aéronefs signée à La Haye le 16 décembre 1970, telle que ratifiée par Arrêté présidentiel n° 289/16 du 15 mai 1987;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga arebana n'ikurwaho ry'ibikorwa binyuranije n'amategeko byabangamira umutekano w'iby'indege za gisiviri yashyiriweho umukono i Montréal kuwa 23 Nzeri 1971, nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 290/16 ryo kuwa 15 Gicurasi 1987;

Pursuant to the Convention for the Suppression of Unlawful Acts against the Safety of Civil Aviation signed at Montreal on 23 September 1971 as ratified by Presidential Order n° 290/16 of 15 May 1987;

Vu la Convention pour la répression d'actes illicites dirigés contre la sécurité de l'aviation civile, signée à Montréal le 23 septembre 1971, telle que ratifiée par Arrêté présidentiel n° 290/16 du 15 mai 1987;

Isubiye ku Itegeko n° 42/2011 ryo ku wa 31/10/2011 ryerekeye umutekano w'iby'indege za gisiviri, nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;

Having reviewed Law n°42/2011 of 31/10/2011 relating to civil aviation security as modified to date;

Revu la Loi n° 42/2011 du 31/10/2011 relative à la sûreté de l'aviation civile telle que modifiée à ce jour;

YEMEJE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rishyiraho uburyo bwo kubungabunga umutekano w'iby'indege za gisiviri.

Rigamije kandi ibi bikurikira:

1° gukumira ibikorwa bigamije guhungabanya umutekano w'iby'indege za gisiviri hakoreshejwe uburyo bwo gucunga umutekano:

a. w'indege zikoreshwa iby'indege za gisiviri, abantu n'ibintu biri mu ndege;

b. w'ibibuga by'indege, abantu n'ibintu biri ku bibuga by'indege;

c. w'ibyuma byifashishwa mu mirimo yo kuyobora indege ariko bitari ku bibuga by'indege;

ADOPTS:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

This Law establishes the methods for regulating civil aviation security.

The purpose of this Law is also to:

1° prevent acts intended to jeopardize the safety of civil aviation by providing for the protection of:

a) aircraft used for civil aviation, persons and goods on board the aircraft;

b) airports, persons and goods at airports;

c) air navigation installations which are not at airports;

ADOPTE:

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi établit les modalités de réglementation de la sûreté de l'aviation civile.

La présente loi a également pour objet de:

1° prévenir les actes visant à mettre en danger la sûreté de l'aviation civile en assurant la protection:

a) des aéronefs destinés à l'aviation civile, des personnes et des biens à bord de l'aéronef;

b) des aéroports, personnes et biens se trouvant aux aéroports;

c) des installations de navigation aérienne qui ne se trouvent pas aux aéroports;

2° gukurikirana no kugenzura imyitwarire y'abantu ku bibuga by'indege no mu ndege hagamijwe kubungabunga umutekano w'iby'indege.

2° monitor and inspect the conduct of persons at airports and on board aircraft in order to ensure aviation security.

2° surveiller et inspecter la conduite des personnes aux aéroports et à bord des aéronefs pour assurer la sûreté de l'aviation.

Ingingo ya 2: Intego y'iri tegeko

Intego y'ibanze y'iri tegeko ni ukubungabunga umutekano w'abagenzi, abakozi bo mu ndege, abakozi bakora ku kibuga cy'indege n'abandi bantu mu byerekeye kwirinda ibikorwa bitemewe n'amategeko bihungabanya umutekano mu by'indege za gisiviri.

Article 2: Purpose of this Law

The primary purpose of this Law is to ensure the safety of passengers, crew, ground personnel and the general public in all matters related to safeguarding against acts of unlawful interference with civil aviation.

Article 2: Objet de la présente loi

La présente loi a pour objet principal d'assurer la sécurité des passagers, des membres d'équipage, du personnel au sol et du public dans toutes les questions relatives à la protection contre les actes d'intervention illégale perpétrés dans l'aviation civile.

Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko

Iri tegeko rireba:

1° abantu bose bacunga ibibuga by'indege za gisiviri n'abandi bahakorera imirimo inyuranye;

2° abagenzi bakoresha ibibuga by'indege za gisiviri;

3° isosiyete z'indege za gisiviri zose zikorera mu Rwanda;

Article 3: Scope of this Law

This Law applies to:

1° all civil airports operators and other persons who carry out different activities at the airport;

2° passengers using civil aviation airports;

3° all aircraft operators in Rwanda;

Article 3: Champ d'application de la présente loi

La présente loi s'applique à ceux qui suivent:

1° tous les exploitants des aéroports civils et d'autres personnes qui y mènent différentes activités;

2° les passagers utilisant les aéroports servant à l'aviation civile;

3° tous les exploitants d'aéronefs au Rwanda;

4° umuntu ushinzwe gutanga amafunguro mu ndege za gisivili;

5° umuntu cyangwa abantu bagenzurwa n'Urwego mu bijyanye no gusaka imizigo ijya mu ndege;

6° inzego zemewe zitanga ubumenyi mu bijyanye n'umutekano w'iby'indege za gisiviri;

7° abatanga serivisi zo kuyobora indege za gisiviri mu kirere mu Rwanda;

8° umuntu wese wahabwa ububasha bwo gutanga serivisi z'umutekano w'iby'indege za gisiviri.

Ingingo ya 4: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanura:

1° **ahantu ntavogerwa:** ahantu hagaragajwe imbere mu kibuga cy'indege cyangwa ku nyubako zifasha iby'indege za gisiviri hagomba gucungirwa umutekano ku buryo bwihariye kandi hakagerwa n'umuntu abanje gusakwa no kugenzurwa ku buryo bwihariye;

4° in-flight catering operator in civil aviation;

5° a person or regulated agents for air cargo security;

6° approved civil aviation security training organisations;

7° civil air navigation services providers in Rwanda;

8° any person empowered to provide civil aviation security services.

Article 4: Definitions

As used in this Law, the following terms have the meanings assigned to them below:

1° **security restricted area:** those areas of the airside of an airport which are identified as priority risk areas where in addition to access control, other security controls are applied;

4° le prestataire de restauration à bord dans l'aviation civile;

5° une personne ou agents régulés pour la sécurité du fret aérien;

6° les organismes de formation à la sécurité de l'aviation civile approuvés;

7° les prestataires de services de navigation aérienne civile au Rwanda;

8° toute personne habilitée à fournir des services de sûreté de l'aviation civile.

Article 4: Définitions

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1° **zone de sûreté à accès réglementé:** zones côté piste d'aéroport identifiées comme étant des zones particulièrement sensibles où, en plus de contrôle d'accès, d'autres contrôles de sécurité sont réalisés;

2° **amabwiriza rusange:** inyandiko igamije gusobanura kurushaho ibigomba kubahirizwa bikubiye muri iri tegeko kugira ngo rishyirwe mu bikorwa;

3° **amafunguro yo mu ndege:** ibinyobwa n'ibiribwa bihabwa abari mu ngendo z'indege, bitangwa n'ababishinzwe;

4° **gusaka:** igikorwa kigamije gutahura intwaro, ibisasu cyangwa ibindi bintu byakwifashishwa mu gukora igikorwa kinyuranyije n'amategeko;

5° **ibihe bidasanzwe:** igihe hari indege igize ibibazo iri mu kirere byayishyira mu kaga cyangwa mu gihe cy'intambara n'ibiza;

6° **iby'indege za gisiviri:**
a. abantu n'ibintu biri mu ndege;
b. akazi k'indege mu kirere;
c. ibikorwa rusange bijyanye n'iby'indege za gisiviri;

7° **igenzura ry'umutekano:** isuzuma rigamije kureba ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'Igihugu y'umutekano w'iby'indege za gisiviri;

2° **regulations:** normative act which is aimed at specifying modalities for application of the provisions of this Law;

3° **aircraft catering supplies:** food and beverages served in air transport, provided by those responsible;

4° **screening:** an act intended to identify or detect weapons, explosives or other dangerous devices which may be used to commit an unlawful act;

5° **emergency situation:** a situation where an aircraft in flight is in a state of emergency or a situation of war or natural disaster;

6° **civil aviation:**
a. persons and goods aboard aircraft;
b. aerial work operations;
c. general civil aviation operations;

7° **security audit:** compliance examination of all aspects of the implementation of the National Civil Aviation Security

2° **règlements:** acte normatif visant à préciser les modalités de mise en application des dispositions de la présente loi;

3° **fournitures de restauration aérienne:** aliments et boissons servis dans le transport aérien fournis par ceux qui en sont responsables;

4° **contrôle:** opération visant à identifier ou à détecter les armes, les explosifs ou tout objet dangereux pouvant servir à commettre un acte illicite;

5° **situation d'urgence:** situation dans laquelle un aéronef en vol est en état d'urgence ou situation de guerre ou de catastrophe naturelle;

6° **aviation civile:**
a. les personnes et les biens à bord de l'aéronef;
b. les activités de travail aérien;
c. les activités générales de l'aviation civile;

7° **audit de sûreté:** examen de mise en œuvre du Programme national de sûreté de l'aviation civile;

Programme;

8° **igerageza ry'umutekano:** gukora mu ibanga cyangwa ku mugaragaro, ibikorwa by'umutekano w'iby'indege za gisiviri hagamijwe kugerageza gukora igikorwa kinyuranyije n'amategeko;

8° **security test:** a covert or overt trial of an aviation security measure which simulates an attempt to commit an unlawful act;

8° **test de sûreté:** mise à l'épreuve secrète ou ouverte d'une mesure de sûreté de l'aviation par la simulation d'une tentative de perpétration d'un acte d'intervention illicite;

9° **igikorwa kinyuranyije n'amategeko:** igikorwa cyakozwe cyangwa cyageragejwe gukorwa hagamijwe guhungabanya umutekano w'iby'indege za gisiviri;

9° **unlawful act:** any act or attempted act to jeopardise the security of civil aviation;

9° **acte illicite:** tout acte ou tentative visant à compromettre la sûreté de l'aviation civile;

10° **ikibuga cy'indege:** ahantu hemewe ku butaka cyangwa ku mazi, harimo inyubako, ibikorwaremezo n'ibikoresho bigenewe gukoreshwa byose cyangwa igice cyabyo mu gihe indege yururuka, ihaguruka, irimo kugendera hasi no mu gihe ihagaze;

10° **airport:** a defined area on land or water including any buildings, installations and equipment intended to be used either wholly or in part for the arrival, departure, surface movement and parking of an aircraft ;

10° **aéroport:** surface définie sur terre ou sur l'eau comprenant les bâtiments, les installations et équipement destinés à être utilisés en tout ou en partie pour l'arrivée, le départ, les mouvements de surface et le stationnement d'un aéronef;

11° **ikintu kibujijwe:** icyakoreshwa mu guhungabanya umutekano w'iby'indege za gisiviri;

11° **prohibited item:** item which can be used to jeopardize the civil aviation security;

11° **article interdit:** article susceptible d'être utilisé pour compromettre la sûreté de l'aviation civile;

12° **imbere mu kibuga cy'indege:** aho indege zigenda cyangwa zihagarara ku kibuga, ibice bibangikanye na ho, inyubako n'ibice byaho birinzwe;

12° **airside:** the area for movement and stopping of aircraft at the airport and the adjacent terrain and buildings or portions thereof with controlled access;

12° **côté piste:** aire de mouvement ou d'arrêt d'un aéronef à l'aéroport, la totalité ou une partie du terrain et bâtiments adjacents dont l'accès est

13° **indege:** imashini yose ya gisiviri ishobora gutembera mu kirere igahangana n'ingufu z'umwuka zitari ingufu umwuka wo mu kirere ugira ku isi;

13° **aircraft:** any civil machine that is able to fly by deriving support in the atmosphere from the reactions of the air other than the reactions of the air against the earth's surface;

13° **aéronef:** tout appareil civil qui peut se soutenir dans l'atmosphère grâce à des réactions de l'air autres que les réactions de l'air sur la surface de la terre;

14° **indege ya gisiviri:** indege ikora imirimo itari iya Leta ikora imirimo y'ubwikorezi bwo mu kirere;

14° **civil aircraft:** non-State aircraft that is engaged in commercial operations;

14° **aéronef civil:** aéronef privé affecté au transport commercial;

15° **intwaro:** ikintu cyose gikoreshwa, kigenewe gukoreshwa cyangwa kigambiriwe gukoreshwa mu kwica umuntu, kumukomeretsa, kumushyiraho ibikangisho, iterabwoba cyangwa konona ibintu;

15° **weapon:** any object used, designed to be used or intended for use in causing death or injury to any person, or for the purpose of threatening or intimidating any person or damaging objects;

15° **arme:** tout objet conçu, utilisé ou qu'une personne entend utiliser pour soit tuer ou blesser quelqu'un, soit le menacer ou l'intimider ou endommager les objets;

16° **isuzuma ry'umutekano:** igenzura ry'ishyirwa mu bikorwa rya bimwe mu bigize Gahunda y'Igihugu y'umutekano w'iby'indege za gisiviri n'ibibuga by'indege, amasosiyete y'indege n'inzego zindi zirebwa n'ibyerekeye Umutekano w'iby'indege za gisiviri;

16° **security inspection:** an examination of the implementation of the relevant parts of the National Civil Aviation Security Programme by an airport, airline or other entity involved in civil aviation security matters;

16° **inspection de sûreté**: examen de la mise en œuvre des parties pertinentes du Programme national de sûreté de l'aviation civile par les aéroports, compagnies aériennes et autres entités impliquées dans la sûreté de l'aviation civile;

17° **kubahiriza umutekano:** igikorwa cyo gukumira iyinjizwa mu ndege cyangwa ku kibuga cy'indege intwaro, ibisasu

17° **security control:** a measure to prevent the introduction of weapons, explosives or other

17° **contrôle de sûreté:** mesure permettant d'empêcher l'introduction d'armes,

n'ibindi bintu bishobora gukoreshwa mu bikorwa bitemewe n'amategeko;

dangerous devices, articles or substances which may be used to commit unlawful acts;

d'explosifs ou d'autres outils ou substances dangereux pouvant servir à commettre des actes illicites;

18° **kwemeza ubushobozi:** gusuzuma no kwemeza bikozwe n'Urwego cyangwa mu izina ry'Urwego, ko umuntu afite ubushobozi bwa ngombwa bwatuma yuzuza inshingano ze hakurikijwe amabwiriza y'Urwego;

18° **certification:** a formal evaluation and confirmation by or on behalf of the Authority that a person possesses the necessary competencies to perform assigned functions to an acceptable level in respect of the instructions of the Authority;

18° **certification:** évaluation et confirmation formelles, faites par l'Office ou en son nom, qu'une personne possède les compétences nécessaires pour remplir ses fonctions conformément aux instructions de l'Office;

19° **Minisitiri:** ugize Guverinoma ufite ibyerekeye iby'indege za gisiviri mu nshingano ze;

19° **Minister:** Cabinet member in charge of civil aviation;

19° **Ministre:** membre du gouvernement ayant l'aviation civile dans ses attributions;

20° **serivisi zifasha indege mu kirere:** Serivisi zitangwa hagamijwe kuyobora indege mu kirere harimo izi zikurikira:

20° **air navigation services:** services provided to air traffic during all phases of operations including the following:

20° **services de navigation aérienne:** services fournis pour la circulation aérienne durant toutes les phases d'exploitation, y compris ceux qui suivent:

a. itumanaho rikorerwa ku butaka no mu kirere, rigenewe kubungabunga umutekano w'iby'indege za gisiviri;

a. aeronautical telecommunications;

a. les télécommunications aéronautiques;

b. serivisi ishinzwe iby'amakarita yifashishwa mu kuyobora indege;

b. aeronautical cartographic services;

b. les services de cartographie aéronautique;

c. serivisi ishyiraho inzira zo mu kirere;

d. serivisi itanga amakuru mu by'indege;

e. serivisi iyobora indege zitagira umupilote mu kirere;

f. serivisi y'iteganyagihe mu kubungabunga umutekano w'iby'indege mu kirere;

g. serivisi yo gushakisha n'iy'ubutabazi;

h. serivisi zifasha kuyobora indege mu kirere;

i. serivisi zo guhanahana amakuru ku ngendo z'indege mu kirere, gukurikirana no kugenzura izo ngendo;

21° **ubutumwa:** inzandiko n'ibindi bishyikirizwa iposita hakurikijwe amabwiriza y'Umuryango Mpuzamahanga w'Amaposita;

22° **umukozi wo mu ndege:** umuntu uhabwa inshingano n'ushinzwe ibikorwa zo

c. instrument flight procedure design service;

d. aeronautical information services;

e. unmanned aircraft management system;

f. meteorological service for air navigation;

g. search and rescue services;

h. air traffic services;

i. communication, navigation and surveillance;

21° **mail:** correspondence and other items delivered to the post office in accordance with the rules of Universal Postal Union;

22° **crew member:** a person assigned by an operator to duty

c. le service de conception de procédures de vol aux instruments;

d. les services d'information aéronautique;

e. le système de gestion d'aéronefs sans pilote;

f. le service météorologique pour la navigation aérienne;

g. les services de recherche et de sauvetage;

h. les services de la circulation aérienne;

i. la communication, la navigation et la surveillance;

21° **courrier:** correspondances et autres articles destinés à être remis aux administrations postales conformément aux règles de l'Union postale universelle;

22° **membre d'équipage:** personne chargée par un

gukora mu ndege mu gihe cy'urugendo rw'iyo ndege;

23° **umuntu cyangwa ikigo kigenzurwa:** umukozi uhagarariye ikigo cyangwa isosiyete runaka, uwohereza imizigo cyangwa abandi bose bakora ubucuruzi ku kibuga cy'indege bakurikije amabwiriza y'umutekano y'Urwego;

24° **umuntu ucunga ikibuga cy'indege:** ikigo cyangwa sosiyete bishinzwe ubuyobozi n'ibikorwa by'ikibuga cy'indege;

25° **umuntu ushinzwe umutekano mu ndege:** umukozi wahawe uburenganzira na Leta y'aho indege yanditswe ukora akazi ko gucunga umutekano w'iby'indege n'abayirimo iri mu kirere akayirinda ibikorwa binyuranyije n'amategeko. Iki gisobanuro ntigihabwa ushinzwe umutekano w'umuntu umwe cyangwa benshi bari muri iyo ndege;

26° **umuntu:** umuntu ku giti cye cyangwa isosiyete, umuryango, ikigo, koperative,

on an aircraft during a flight duty period;

23° **regulated agent:** a representative of an agency or a certain company, freight forwarder or other entity who conducts business in an airport in accordance with security regulations of the Authority;

24° **airport operator:** an organization or enterprise responsible for the administration and operations of an airport;

25° **in-flight security officer**: a person who is authorized by the government of the State of registration of the aircraft whose task consists in protecting the aircraft in flight and its occupants against unlawful acts. This excludes a person who provides exclusive personal protection for one or more specific people travelling on the aircraft;

26° **person:** an individual or a company, an organization, an

exploitant d'assumer des fonctions à bord d'un aéronef pendant une période de service de vol;

23° **agent ou société habilité**: agent représentant une institution ou une société, un transitaire ou toute autre entité qui fait du commerce dans l'aéroport conformément aux normes de sûreté de l'Office;

24° **exploitant aéroportuaire:** organisation ou entreprise responsable de l'administration et des opérations conduites sur l'aéroport;

25° **agent de sûreté en vol:** personne autorisée par l'État d'immatriculation de l'aéronef dont la tâche consiste à protéger cet aéronef en vol et ses occupants contre des actes illicites. Est exclue une personne qui assure la protection personnelle exclusive d'une ou de plusieurs personnes voyageant à bord de l'aéronef;

26° **personne:** individu ou société commerciale, organisation,

bifite ubuzimagatozi;

institution, a cooperative organisation with legal personality;

institution, coopérative dotées de la personalité juridique;

27° **umuntu ushinzwe umutekano w'iby'indege za gisiviri:** umukozi cyangwa undi wabiherewe ububasha n'ushinzwe ibikorwa ushinzwe gushyira mu bikorwa ingamba zijyanye n'umutekano w'iby'indege za gisiviri;

27° **aviation security officer**: an employee of the operator or any other person authorized by the operator who is responsible for implementation of civil aviation security measures;

27° **officier de sûreté de l'aviation**: personne employée par l'exploitant ou toute autre personne autorisée par l'exploitant qui est chargée de la mise en œuvre des mesures de sûreté de l'aviation civile;

28° **umuntu wemerewe:** umukozi cyangwa impuguke watoranyijwe n'Urwego hakurikijwe ubushobozi afite mu bijyanye n'umutekano w'iby'indege za gisiviri;

28° **authorized person:** an employee or expert designated by the Authority because of his/her competence in matters relating to civil aviation security;

28° **personne autorisée**: employé ou expert désigné par l'Office en raison de sa compétence en matière de sûreté de l'aviation civile;

29° **umutekano:** irindwa ry'ibikorwa by'indege za gisiviri n'ibibuga byazo, ibikorwa binyuranyije n'amategeko hashyirwaho ingamba zo gukumira ibyo bikorwa hakoreshejwe abantu n'ibikoresho;

29° **security:** safeguarding operations of civil aircraft and airports against unlawful acts through a combination of measures against unlawful acts by use of human and material resources;

29° **sûreté:** protection des opérations des aéronefs civils et des aéroports contre des actes illicites grâce à un ensemble de mesures contre ces actes par l'usage des ressources humaines et matérielles;

30° **umutwaro utinjiranwa mu ndege:** ikintu gitwarwa mu gice cy'indege cyihariye cyabugenewe ku buryo umugenzi aba adashobora kugira aho ahurira na cyo igihe indege iri mu kirere;

30° **hold baggage:** baggage which is accepted for carriage in the hold of an aircraft and is inaccessible to the passenger during the flight;

30° **bagage de soute:** bagage admis au transport dans la soute d'un aéronef et inaccessible au passager pendant le vol;

31° **umutwaro winjiranwa mu ndege:** ikintu umugenzi aba yemerewe kwinjirana mu ndege ku buryo kidashyirwa mu gice cy'indege cyihariye cyabugenewe. Icyo kintu kiba kiri bugufi y'umugenzi igihe indege iri mu kirere;

32° **umuzigo:** ikintu gitwarwa n'indege kitari ibaruwa, kitari umutwaro wo mu ntoki ntikibe n'umutwaro udahambiriye;

33° **umuzigo udafite nyirawo:** umutwaro uri ku kibuga cy'indege ufite cyangwa udafite ikimenyetso kiwuranga, utanagaragaza nyirawo, ntihagire uwutwara;

34° **urugomo:** igikorwa kigamije kwangiza, gukomeretsa cyangwa gishobora guhungabanya iby'indege za gisiviri cyangwa ibikorwa ku kibuga cy'indege;

35° **uruhushya rwo kwinjira ahantu ntavogerwa:** icyangombwa gitanga uburenganzira bwo kwinjira ahantu ntavogerwa gitangwa n'Umuyobozi ubifitiye ububasha;

31° **cabin baggage:** baggage which a passenger is allowed to carry along in the cabin compartment of an aircraft instead of moving to the hold. It is accessible to the passenger during the flight;

32° **cargo:** any property carried on an aircraft except mail, hand luggage or unpackaged baggage;

33° **unidentified baggage:** baggage at an airport, with or without a baggage tag, which is not picked up by or identified with a passenger;

34° **sabotage**: an act intended to destroy, inflict injury or likely to endanger or interfere with civil aviation or operations at airports;

35° **security restricted area permit**: a permit authorising access to security restricted area issued by the administrator of the competent authority;

31° **bagage de cabine:** bagage qu'un passager peut emporter avec lui dans la cabine d'un aéronef au lieu de le mettre dans la soute. Il est accessible au passager pendant le vol;

32° **fret:** biens à l'exception du courrier, bagages à main ou non emballés transportés à bord d'un aéronef;

33° **bagage non identifié:** bagage se trouvant dans un aéroport, avec ou sans étiquette d'enregistrement et qui n'est pas retiré par un passager ni attribuable à un passager;

34° **sabotage**: acte visant à détruire, causer des blessures ou susceptible de mettre en danger ou interférer avec l'aviation civile ou les opérations aéroportuaires;

35° **permis d'accès aux zones de sûreté à accès réglementé:** permis autorisant l'accès à la zone de sûreté à accès réglementé de l'aéroport délivré par l'Office;

36° **Urwego:** Urwego rw'Igihugu rushinzwe iby'indege za gisiviri;

37° **Ushinzwe ibikorwa:** ubuyobozi bw'ikibuga cy'indege, ukoresha indege n'ibigo bigenzurwa n'Urwego.

36° **Authority**: the national organ in charge of civil aviation ;

37° **operator:** airport authorities, aircraft operator, agencies under the supervision of the Authority.

36° **Office:** organe national chargé de l'aviation civile ;

37° **exploitant:** autorités aéroportuaires, exploitant d'aéronef, établissements sous la supervision de l'Office.

UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA BY'INZEGO Z'IMIRIMO

Ingingo ya 5: Inshingano za Minisitiri mu bijyanye n'iby'umutekano w'iby'indege za gisiviri

Minisitiri ashyiraho amabwiriza rusange yerekeye umutekano w'iby'indege za gisiviri.

Ingingo ya 6: Inshingano z'Urwego mu bijyanye n'umutekano w'iby'indege za gisiviri

Urwego rufite inshingano zikurikira:

1° gutegura, gukora impinduka zikenewe no gushyira mu bikorwa Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'indege za gisiviri ikubiyemo ingamba na politiki zijyanye n'ibisabwa n'amabwiriza ari ku mugereka wa 17 w'Amasezerano Mpuzamahanga

CHAPTER II: RESPONSIBILITIES AND POWERS OF ORGANS

Article 5: Responsibilities of the Minister in relation to civil aviation security

The Minister establishes civil aviation security regulations.

Article 6: Responsibilities of the Authority in matters relating to civil aviation security

The Authority has the following responsibilities:

1° to develop, maintain and implement the National Civil Aviation Security Programme that details aviation security policies and procedures consistent with the provisions of

CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS ET POUVOIRS DES ORGANES

Article 5: Attributions du Ministre en matière de sûreté de l'aviation civile

Le Ministre édicte les règlements relatifs à la sûreté de l'aviation civile.

Article 6: Attributions de l'Office en matière de sûreté de l'aviation civile

L'Office a les attributions suivantes :

1° élaborer, maintenir et mettre en œuvre le Programme national de sûreté de l'aviation civile qui précise des politiques et des procédures de sûreté de l'aviation conformes aux

mu by'indege za gisiviri yashyiriweho umukono i Chicago ku wa 07 Ukuboza 1944 n'ibindi bisabwa ku rwego rw'Igihugu;

Annex 17 to the Convention on International Civil Aviation signed at Chicago on 7 December 1944 and other requirements existing at national level;

dispositions de l'annexe 17 de la Convention relative à l'aviation civile internationale signée à Chicago le 7 décembre 1944 et aux autres exigences au niveau national;

2° uburenganzira busesuye mu kugenzura ibikorwa by'umutekano ku kibuga no ku ndege zikorera mu Rwanda, n'ibindi bikorwa byose bijyanye n'iby'indege za gisiviri mu Rwanda;

2° to have the absolute right to audit security operations at the airport, in aircraft operating in Rwanda and in all other operations relating to all civil aviation in Rwanda;

2° avoir un droit absolu à l'audit des opérations de sûreté à l'aéroport, dans les aéronefs opérant au Rwanda et sur toutes les autres opérations relatives à l'aviation civile au Rwanda;

3° gukurikirana ibikorwa by'umutekano ku kibuga, mu ndege, umutekano w'abakozi, abashinzwe amafunguro yo mu ndege n'abandi bireba hagamijwe:

3° to monitor security at airports, in aircraft, security of staff, catering operators and other concerned persons for the purpose of:

3° faire le suivi des opérations de sûreté à l'aéroport, dans les aéronefs, du personnel, des prestataires de restauration à bord et d'autres personnes concernées dans le but de:

a. kurinda abagenzi, abakozi b'indege, ikibuga cy'indege, ibikorwa n'inyubako;

a. protecting passengers, crew members, the airport, airport operations and installations;

a. protéger les passagers, les membres d'équipage, l'aéroport, les opérations et les installations aéroportuaires;

b. gukumira ibintu bitemewe n'amategeko byabangamira imirimo y'ibijyanye n'indege za gisiviri;

b. preventing unlawful acts against civil aviation operations;

b. empêcher les actes illicites contre les opérations de l'aviation civile;

c. gufata icyemezo iyo habaye cyangwa hashobora kuba igikorwa kinyuranyije

c. taking appropriate action when an unlawful act occurs or is

c. entreprendre des actions appropriées face à un acte

n'amategeko;	likely to occur;	illicite qui se produit ou susceptible de se produire;
4° gushyira mu bikorwa no gutangaza ibijyanye n'umutekano w'iby'indege za gisiviri;	4° to implement and publish any matters in relation to civil aviation security;	4° mettre en application et publier tout ce qui concerne la sûreté de l'aviation civile;
5° gutanga amabwiriza asaba ko ibyemezo bijyanye no kubahiriza umutekano bihita bishyirwa mu bikorwa;	5° to issue directives to require the implementation of immediate security measures;	5° émettre des directives pour exiger la mise en place de mesures de sûreté immédiates;
6° gushyira mu bikorwa Amasezerano Mpuzamahanga u Rwanda rwagiranye n'ibindi bihugu, za Guverinoma cyangwa Imiryango Mpuzamahanga mu bijyanye n'umutekano mu by'indege za gisiviri;	6° to implement conventions between Rwanda and other countries, governments or international organizations in terms of civil aviation security;	6° mettre en œuvre les conventions entre le Rwanda et d'autres pays, gouvernements ou organisations internationales en matière de sûreté de l'aviation civile;
7° guteza imbere ubushobozi mu by'umutekano w'iby'indege za gisiviri, ubumenyingiro na serivisi bitangwa hagamijwe kurengera abantu n'ibintu;	7° to promote the development of civil aviation security capabilities, skills and services for the protection of people and property;	7° promouvoir le développement des capacités, des compétences et des services de sûreté de l'aviation civile pour la protection des personnes et des biens;
8° gutanga serivisi z'ubujyanama mu byerekeye imicungire y'ibikorwa byo kugenzura iby'indege za gisiviri, haba mu Rwanda cyangwa hanze yarwo;	8° to provide consultancy services in terms of the management of civil aviation oversight activities, within or outside Rwanda;	8° fournir des services de consultance en matière de gestion des activités de contrôle de l'aviation civile à l'intérieur ou à l'extérieur du Rwanda;

9° kugenzura iyubahirizwa rya politiki y'umutekano w'iby'indege za gisiviri n'ibindi bisabwa kugira ngo umutekano wubahirizwe.

Ingingo ya 7: Ububasha bw'Umuyobozi Mukuru w'Urwego mu bijyanye n'umutekano w'iby'indege za gisiviri

Umuyobozi Mukuru w'Urwego afite ububasha bukurikira:

1° gutegura Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'indege za gisiviri ikubiyemo ingamba na politiki zijyanye n'ibisabwa n'amabwiriza ari ku mugereka wa 17 w'Amasezerano Mpuzamahanga mu by'indege za gisiviri yashyiriweho umukono i Chicago ku wa 07 Ukuboza 1944 n'ibindi bisabwa ku rwego rw'Igihugu;

2° gukurikirana ibikorwa by'umutekano ku kibuga, mu ndege, umutekano w'abakozi, abashinzwe amafunguro yo mu ndege n'abandi bireba hagamijwe:

a. kurinda abagenzi, abakozi b'indege, ikibuga cy'indege, ibikorwa n'inyubako;

9° provide oversight for the implementation of civil aviation security policies and requirements.

Article 7: Powers of the Director General of the Authority in matters relating to civil aviation security

The Director General of the Authority has the following powers:

1° to develop the National Civil Aviation Security Programme that details aviation security policies and procedures consistent with the provisions of Annex 17 to the Convention on International Civil Aviation signed at Chicago on 7 December 1944 and other State Aviation Security requirements;

2° to monitor security at airports, in aircraft security, of staff, catering operators, and other concerned persons for the purpose of:

a. protect passengers, crew members, the airport, airport activities and airport buildings;

9° assurer la surveillance de la mise en oeuvre des politiques et des exigences de sûreté de l'aviation civile.

Article 7: Pouvoirs du Directeur général de l'Office en matière de sûreté de l'aviation civile

Le Directeur général de l'Office a les pouvoirs suivants:

1° élaborer le Programme national de sûreté de l'aviation civile qui précise des politiques et des procédures de sûreté de l'aviation conformes aux dispositions de l'annexe 17 de la Convention relative à l'aviation civile internationale signée à Chicago le 7 décembre 1944 et aux autres exigences de sûreté de l'aviation civile de l'État;

2° faire le suivi des opérations de sûreté de l'aéroport, des aéronefs, du personnel, des opérateurs de restauration, et d'autres personnes concernées dans le but de:

a. protéger les passagers, les membres d'équipage, l'aéroport, les activités et les bâtiments;

b. gukumira ibintu bitemewe n'amategeko byabangamira imirimo y'ibijyanye n'indege za gisiviri;	b. prevent unlawful acts against civil aviation operations;	b. empêcher les actes illicites contre les opérations de l'aviation civile;
c. gufata icyemezo iyo habaye cyangwa hashobora kuba igikorwa kinyuranyije n'amategeko;	c. take appropriate action when an unlawful act occurs or is likely to occur;	c. entreprendre des mesures appropriées face à un acte illicite présent ou probable;
3° gushyira mu bikorwa no gutangaza ibijyanye n'umutekano w'iby'indege za gisiviri;	3° implement and publish any matters in relation to civil aviation security;	3° mettre en application et publier tout ce qui concerne la sûreté de l'aviation civile;
4° gutanga amabwiriza asaba ko ibyemezo bijyanye no kubahiriza umutekano bihita bishyirwa mu bikorwa;	4° issue directives to require the implementation of immediate security measures;	4° émettre des directives pour exiger la mise en place de mesures de sûreté immédiates;
5° kumenyesha ku gihe Umuryango Mpuzamahanga w'iby'indege za gisiviri amabwiriza yose atandukanye n'amabwiriza ateganywa n'Amasezerano Mpuzamahanga y'iby'indege za gisiviri;	5° to communicate without delay to the International Civil Aviation Organisation any national regulations which differ from the Convention on International Civil Aviation;	5° communiquer sans délai à l'Organisation internationale de l'aviation civile les règlements nationaux qui diffèrent de la Convention relative à l'aviation civile internationale;
6° gutangaza amabwiriza yose ashyirwaho hashingiwe kuri iri tegeko kugira ngo abo agenewe bashobore kuyamenya no kuyubahiriza;	6° to ensure the publication of all standards and procedures issued under this Law in such form and manner as may be best adapted for public compliance;	6° assurer la publication de toutes les normes et procédures émises en vertu de la présente loi sous la forme et la manière les mieux adaptées en vue de leur respect par le public;
7° gutanga ibyangombwa byerekeranye n'iby'indege birimo ibi bikurikira:	7° to issue aviation documents including:	7° délivrer les documents en rapport avec l'aviation y compris:

a. ibyemezo by'abashinzwe gusaka abantu n'imizigo yabo, iby'abashinzwe kugenzura umutekano w'iby'indege n'iby'abatanga amahugurwa n'inyigisho mu by'umutekano w'iby'indege za gisiviri;

b. impushya ku bigo cyangwa amashuri atanga ubumenyi mu by'umutekano w'iby'indege za gisiviri no ku zindi nzego zagenwa n'amabwiriza yerekeye umutekano w'iby'indege za gisiviri;

8° kugira inama Guverinoma mu bijyanye no gutegura amategeko mashya cyangwa kuvugurura amategeko asanzweho hagamijwe kugenzura imikorere y'umutekano mu by'indege za gisiviri;

9° gufata ibyemezo bigamije ishyirwa mu bikorwa ry'iri tegeko n'amabwiriza ajyanye na ryo;

10° guca ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ku batubahiriza iri tegeko n'amabwiriza ajyanye n'umutekano w'iby'indege za gisiviri;

11° gukora indi mirimo ifitanye isano n'ububasha buvugwa muri iyi ngingo.

a. certificates of screeners, civil aviation inspectors and instructors;

b. certificates of civil aviation security training companies or organizations and other entities as may be determined by civil aviation regulations;

8° to provide advice to the Government on matters related to the preparation of new legislation or amendment of the existing legislation for the regulation of civil aviation security;

9° to take decisions aimed at the application of this Law and regulations pertaining thereto;

10° to impose administrative fines on those who fail to comply with this Law, civil aviation security regulations;

11° to perform any other duties relating to the powers provided for under this Article.

a. les certificats des agents de contrôle, des inspecteurs et des instructeurs de l'aviation civile;

b. les certificats des sociétés ou organismes de formation à la sûreté de l'aviation civile et autres entités déterminées par les règlements de l'aviation civile;

8° conseiller le Gouvernement en matière d'initiation d'une nouvelle législation ou de modification de la législation existante pour la réglementation de la sûreté de l'aviation civile;

9° prendre les décisions visant la mise en application de la présente loi et des règlements y relatifs;

10° infliger des amendes administratives à ceux qui ne se conforment pas à la présente loi et aux règlements relatifs à la sûreté de l'aviation civile;

11° exécuter toute autre tâche relative aux pouvoirs prévus au présent article.

Ingingo ya 8: Ububasha bw'umugenzuzi w'umutekano w'iby'indege za gisiviri

Umugenzuzi w'umutekano w'iby'indege za gisiviri ni umukozi w'Urwego cyangwa undi wese wabiherewe ububasha n'Urwego bwo kugenzura uko umutekano w'iby'indege za gisiviri wubahirizwa.

Umugenzuzi w'umutekano w'iby'indege za gisiviri afite ububasha bukurikira:

1° kugenzura aho ari ho hose mu kibuga cy'indege cyangwa hanze yacyo mu Rwanda hakorera umuntu wese utanga serivisi zijyanye n'iby'indege n'ahantu ntavogerwa ku kibuga cy'indege;

2° kugenzura indege yanditswe cyangwa ikorera mu Rwanda kugira ngo hamenywe uko umutekano w'iby'indege za gisiviri wubahirizwa;

3° kugenzura no gukora igerageza ry'umutekano ku ngamba mu by'umutekano w'iby'indege za gisiviri zashyizweho n'Urwego zikurikizwa

Article 8: Powers of the civil aviation security inspector

A civil aviation security inspector is an employee of the Authority or any other person authorized by the Authority to ensure the oversight and the enforcement of the implementation of civil aviation security.

A civil aviation security inspector has the following powers:

1° to audit, inspect and test any part of any airport in Rwanda or any land or area outside the airport used by businesses that operate at the airport and in security restricted area;

2° to audit, inspect and test any aircraft registered or operating in Rwanda for the purpose of evaluating any civil aviation security procedure;

3° to audit, inspect and test the effectiveness of security measures and procedures taken by the Authority and performance of security equipment;

Article 8: Pouvoirs de l'inspecteur en sûreté de l'aviation civile

Un inspecteur en sûreté de l'aviation civile est un employé de l'Office ou toute autre personne autorisée par l'Office à assurer le contrôle et l'application de la sûreté de l'aviation civile.

L'inspecteur en sûreté de l'aviation civile a les pouvoirs suivants:

1° vérifier, inspecter et analyser toute partie de tout aéroport au Rwanda ou de tout territoire ou zone à l'extérieur de l'aéroport utilisé par les entreprises qui opèrent à l'aéroport et dans la zone de sûreté à accès réglementé;

2° vérifier, inspecter et analyser tout aéronef immatriculé ou opérant au Rwanda aux fins d'évaluer toute procédure de sûreté de l'aviation civile;

3° faire la vérification, l'inspection et l'essai de l'efficacité des mesures et des procédures de sûreté émises par l'Office et de la performance du

n'uko ibikoresho by'umutekano bikora neza;		matériel de sûreté;
4° kwinjira mu kibuga cy'indege, imbere mu kibuga cy'indege, ahantu ntavogerwa no gukoresha ibikoresho bifata amajwi n'amashusho n'ibindi bikoresho byemewe gusa ku mpamvu yo kugenzura ko umutekano w'iby'indege ucunzwe ku buryo butekanye;	4° to enter into an airport, airside area or any designated security restricted area, and use audio and video recording devices and other specially authorized equipment for purposes of conducting security tests;	4° pénétrer dans un aéroport, une zone côté piste ou toute zone de sûreté à accès réglementé et utiliser des appareils d'enregistrement audio et vidéo ainsi que les articles spécialement autorisés à des fins de tests de sécurité;
5° kumenyesha uwagenzuwe ibyagaragaye mu igenzura no kumuha inama ku byakosorwa n'uburyo byakorwa;	5° to issue notices to the person inspected of deficiencies and make recommendations for remedy;	5° émettre des avis à la personne ayant fait objet de l'inspection concernant les irrégularités et des recommandations pour y remédier;
6° kugenzura ko amakosa yagaragaye mu igenzura akosorwa ku gihe no gufata ingamba mu gihe bidakozwe;	6° to check whether deficiencies identified during the inspection are rectified on a timely basis and take enforcement measures where necessary;	6° vérifier si les irrégularités identifiées lors de l'inspection sont corrigées à temps et prendre des mesures d'application, le cas échéant;
7° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry' ingamba zose zerekeye umutekano w'iby'indege za gisiviri ku rwego rw'Igihugu;	7° to follow up the enforcement of all relevant national civil aviation security measures;	7° faire le suivi de l'exécution de toutes les mesures nationales pertinentes en matière de sûreté de l'aviation civile;
8° guhabwa inyandiko zijyanye n'iby'umutekano w'iby'indege za gisiviri;	8° to obtain access to relevant security documentation and records of civil aviation;	8° avoir accès à la documentation et aux dossiers de sûreté pertinents de l'aviation civile;

9° kubaza uwo ari we wese kugira ngo hamenyekane uko ingamba zashyizweho zo gucunga umutekano w'iby'indege za gisiviri zubahirizwa.

Ingingo ya 9: Gutanga ububasha

Umuyobozi Mukuru w'Urwego ashobora guha umuntu wemerewe zimwe mu nshingano ze kandi akazigaragaza mu nyandiko, nyuma yo kugisha inama Inama y'Ubuyobozi uretse ibyo mu rwego rwa tekiniki.

Ingingo ya 10: Ishyirwaho rya Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'indege za gisiviri na Komite ishinzwe Umutekano w'ikibuga

Hashyizweho Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'indege za gisiviri na Komite ishinzwe Umutekano w'ikibuga.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'indege za gisiviri na Komite ishinzwe Umutekano w'ikibuga, rigena kandi abagize izo Komite.

9° to interview any person for the purpose of assessing compliance with civil aviation security measures and procedures.

Article 9: Delegation of power

The Director General of the Authority may give to an authorized person some of his or her duties, and indicate such duties in writing after consultation with the Board of Directors except in case of technical duties.

Article 10: Establishment of a National Civil Aviation Security Committee and an Airport Security Committee

There is hereby established a National Civil Aviation Security Committee and an Airport Security Committee.

A Prime Minister's Order determines the responsibilities, organization and functioning of the National Civil Aviation Security Committee and the Airport Security Committee and also determines members of such Committees.

9° interroger toute personne dans le but d'évaluer la conformité aux mesures et aux procédures de sûreté de l'aviation civile.

Article 9: Délégation de pouvoir

Le Directeur général de l'Office peut déléguer à une personne autorisée certaines de ses attributions et les spécifier par écrit après avis du Conseil d'administration, sauf en cas d'attributions d'ordre technique.

Article 10: Création d'un Comité national de sûreté de l'aviation civile et du Comité national de sûreté aéroportuaire

Il est créé un Comité national de sûreté de l'aviation civile et un Comité national de sûreté aéroportuaire.

Un arrêté du Premier Ministre détermine les attributions, l'organisation et le fonctionnement du Comité national de sûreté de l'aviation civile et du Comité national de sûreté aéroportuaire et détermine également les membres de ces Comités.

UMUTWE WA III: GAHUNDA Z'UMUTEKANO W'IBY'INDEGE ZA GISIVIRI

Ingingo ya 11: Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'indege za gisiviri

Urwego ni rwo rushinzwe umutekano w'iby'indege za gisiviri mu Rwanda. Rugomba gutegura, gukora impinduka zikenewe no gushyira mu bikorwa Gahunda y'Igihugu yo gukurikirana imitunganyirize y'umutekano w'iby'indege za gisiviri hagamijwe kurinda ibikorwa by'indege za gisiviri no gukumira ibikorwa binyuranyije n'amategeko.

Urwego ruha kandi abakora imirimo ku bibuga by'indege bakorera mu Rwanda Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'indege za gisiviri bijyanye n'inshingano zabo.

Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'indege za gisiviri yemezwa na Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'indege za gisiviri, ikavugururwa nibura inshuro imwe (1) mu mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa kugira ngo ihuzwe n'amahame agezweho.

CHAPTER III: NATIONAL CIVIL AVIATION SECURITY PROGRAMME

Article 11: National Civil Aviation Security Programme

The Authority is solely responsible for ensuring civil aviation security in Rwanda. It shall develop, make necessary changes and implement the National Civil Aviation Security Programme to safeguard civil aviation operations and prevent unlawful acts.

The Authority also provides those who carry out activities at airports operating in Rwanda with the relevant parts of the National Civil Aviation Security Programme.

The National Civil Aviation Security Programme is approved by the National Civil Aviation Security Committee and is reviewed at least once a year and whenever necessary to meet the standards in force.

CHAPITRE III: PROGRAMME NATIONAL DE SÛRETÉ DE L'AVIATION CIVILE

Article 11: Programme national de sûreté de l'aviation civile

L'Office est seul habilité à assurer la sûreté de l'aviation civile au Rwanda. Il doit élaborer, faire des changements nécessaires et mettre en œuvre le Programme national de sûreté de l'aviation civile afin de protéger les opérations de l'aviation civile et de prévenir les actes illicites.

L'Office met également à la disposition de ceux qui réalisent des activités aux aéroports opérant au Rwanda les parties pertinentes du Programme national de sûreté de l'aviation civile.

Le Programme National de Sûreté de l'Aviation Civile est approuvé par Comité national de sûreté de l'aviation civile et est révisé au moins une fois par an et chaque fois que de besoin pour l'adapter aux normes en vigueur.

<u>Ingingo ya 12:</u> Gahunda y'Igihugu yo kugenzura imitunganyirize y'umutekano w'iby'indege za gisiviri

Urwego rutegura kandi rugashyira mu bikorwa Gahunda y'Igihugu yo kugenzura imitunganyirize y'umutekano w'iby'indege za gisiviri.

Urwego rutegura amabwiriza agenga imikorere myiza na Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'indege za gisiviri ku buryo bukurikira:

1° rushyiraho inzego, inshingano n'uburyo bwo guteza imbere umuco wo gukora neza akazi k'umutekano w'iby'indege za gisiviri no gukurikirana ko abakozi bafite inshingano z'umutekano w'iby'indege za gisiviri bazubahiriza;

2° rutanga inshingano ku bakozi bose bashinzwe umutekano w'iby'indege za gisiviri rukabaha umurongo bakurikiza mu gushyira mu bikorwa igenzura n'ikumira ry'ibikorwa bitemewe n'amategeko.

<u>Article 12</u>: National Civil Aviation Security Quality Control Programme

The Authority develops and implements the National Civil Aviation Security Quality Control Programme.

The Authority develops regulations governing best practices and the National Civil Aviation Security Programme by:

1° putting in place structures, responsibilities and means that promote a culture of performing well the work of civil aviation security, and ensuring good performance of persons tasked with carrying out civil aviation security duties;

2° giving duties to all staff in charge of aviation security with direction for the implementation of aviation security controls and the prevention of unlawful acts.

<u>Article 12:</u> Programme national de contrôle dela qualité de la sûreté de l'aviation civile

L'Office élabore et met en œuvre le Programme national de contrôle de qualité de la sureté de l'aviation civile.

L'Office élabore des règlements régissant les meilleures pratiques et le Programme national de sûreté de l'aviation civile de la manière suivante:

1° mettre en place des structures, des attributions et des moyens permettant de promouvoir la culture d'assurer la qualité du service dans le domaine de l'aviation civile et de s'assurer de la bonne performance du personnel ayant les attributions relatives à la sûreté de l'aviation civile ;

2° donner des attributions au personnel chargé de la sûreté en leur donnant une orientation pour la mise en application des contrôles de sûreté de l'aviation et la prévention des actes illicites.

Ingingo ya 13: Ubwigenge mu ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'Igihugu yo gukurikirana imitunganyirize y'umutekano w'iby'indege za gisiviri

Urwego rukora ku buryo inzego n'abantu bashinzwe gushyira mu bikorwa Gahunda y'Igihugu yo Gukurikirana imitunganyirize y'Umutekano w'iby'indege za gisiviri bakora mu bwigenge mu micungire n'imikoreshereze bya Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'indege za gisiviri.

Article 13: Independence in the implementation of the National Civil Aviation Security Quality Control Programme

The Authority shall ensure that the management and functioning of the National Civil Aviation Security Programme is undertaken independently of the organs or persons in charge of the implementation of the National Civil Aviation Security Quality Control Programme.

Article 13: Indépendance dans la mise en œuvre du Programme national de contrôle de qualité de la sûreté de l'aviation civile

L'Office s'assure que la gestion et le fonctionnement du Programme national de sûreté de l'aviation civile s'effectuent indépendamment des organes et des personnes chargés de la mise en œuvre du Programme national de contrôle de qualité de la sûreté et de l'aviation civile.

Ingingo ya 14: Gahunda y'Umutekano w'ikibuga cy'indege

Umuntu wese yemererwa kugira ikibuga cy'indege ari uko afite gahunda y'umutekano w'icyo kibuga yemejwe n'Urwego.

Article 14: Airport Security Programme

No person can be authorized to operate an airport unless he or she has a security programme for such an airport approved by the Authority.

Article 14: Programme de sûreté de l'aéroport

Personne ne peut être autorisé à assurer l'exploitation d'un aéroport à moins qu'il ne dispose d'un programme de sûreté d'un tel aéroport approuvé par l'Office.

Umuntu ucunga ikibuga cy'indege za gisiviri mu Rwanda ategura kandi agashyira mu bikorwa gahunda yanditse y'umutekano w'ikibuga.

An airport operator in Rwanda establishes and implements a written Airport Security Programme.

Un exploitant d'un aéroport au Rwanda établit et met en œuvre un programme de sûreté de l'aéroport écrit.

Gahunda y'umutekano w'ikibuga igomba kubahiriza ibiteganyijwe muri Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'indege za gisiviri.

The Airport Security Programme shall be in accordance with the requirements prescribed in the National Civil Aviation Security Programme.

Le Programme de sûreté de l'aéroport doit être conforme aux dispositions du Programme national de sûreté de l'aviation civile.

Gahunda y'umutekano w'ikibuga

The Airport Security Programme is

Le Programme de sûreté de

ivugururwa nibura inshuro imwe (1) mu mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa kugira ngo ihuzwe n'igihe.

reviewed and updated at least once a year and whenever necessary.

l'aéroport est revu et actualisé au moins une fois par an et chaque fois que de besoin.

Ingingo ya 15: Gahunda y'Umutekano ya nyir'indege

Article 15: Aircraft Operator Security Programme

Article 15: Programme de sûreté de l'exploitant de l'aéronef

Umuntu yemererwa gukoresha indege mu gutwara abantu n'ibintu mu Rwanda ari uko afite Gahunda y'Umutekano yemewe n'Urwego.

A person who operates a civilian aircraft transporting passengers and goods in Rwanda shall have an Aircraft Operator Security Programme approved by the Authority.

Une personne qui assure l'exploitation d'un aéronef de transport de passagers et de biens au Rwanda doit disposer d'un Programme de Sûreté de cet aéronef approuvé par l'Office.

Nyir'indege ikoreshwa mu gutwara abantu n'ibintu mu Rwanda agomba gutegura no gushyira mu bikorwa Gahunda yanditse y'Umutekano ya nyir'indege.

Every aircraft operator who transports passengers or goods in Rwanda shall establish and implement a written Aircraft Operator Security Programme.

Tout exploitant d'un aéronef de transport de passagers et biens au Rwanda établit et met en œuvre un Programme écrit de sûreté de l'exploitant d'aéronef.

Gahunda y'umutekano ya nyir'indege igomba kuba yujuje ibiteganywa na Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'indege za gisiviri.

The Aircraft Operator Security Programme shall be in accordance with the requirements prescribed in the National Civil Aviation Security Programme.

Le Programme de sûreté de l'exploitant d'aéronef doit être conforme aux dispositions du Programme National de Sûreté de l'Aviation Civile.

Ingingo ya 16: Gahunda y'umutekano y'umuntu cyangwa ikigo kigenzurwa

Article 16: Security Programme of regulated agents or companies

Article 16: Programme de sûreté d'agents ou sociétés réglementés

Umuntu yemererwa kugira isosiyete ishinzwe kugenzura imizigo, inyandiko cyangwa ibintu mu ndege mu Rwanda ari uko afite gahunda y'umutekano yemewe n'Urwego hamwe

A person who operates a company screening cargo, mail, baggage or goods to be transported by air in Rwanda shall have a security programme approved by

Une personne qui exploite une société affectée au contrôle de fret, de bagages de courriers, ou de biens par voie aérienne au Rwanda doit

n'icyemezo gitangwa na rwo.

the Authority which is evidenced by a certificate issued by the Authority.

disposer d'un Programme de sûreté approuvé par l'Office et un certificat délivré par cette dernière.

Gahunda y'umutekano ya sosiyete cyangwa abantu bagenzurwa n'Urwego itegurwa hakurikijwe ibiteganyijwe muri Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'indege za gisiviri.

The Regulated Agent Security Programme shall be in accordance with the requirements prescribed in the National Civil Aviation Security Programme.

Le Programme de sûreté d'une société ou d'agents sous la supervision de l'Office est établi conformément aux dispositions du Programme National de Sûreté de l'Aviation Civile.

Ingingo ya 17: Gahunda y'Umutekano y'isosiyete ishinzwe gutanga amafunguro yo mu ndege

Article 17: Catering Operator Security Programme

Article 17: Programme de sûreté des prestataires de restauration à bord

Gahunda y'Umutekano y'isosiyete ishinzwe gutanga amafunguro mu ndege igomba gushingira kuri Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'indege za gisiviri.

The catering operator security programme shall be in accordance with the requirements prescribed in the National Civil Aviation Security Programme.

Le Programme de sûreté des prestataires de restauration à bord est établi conformément aux dispositions du Programme National de Sûreté de l'Aviation Civile.

Isosiyete idafite Gahunda y'Umutekano yemewe n'Urwego hamwe n'icyemezo gitangwa narwo ntiyemerewe gutanga amafunguro mu ndege ihagurutse mu Rwanda.

A company cannot be permitted to provide catering services to an aircraft taking off from Rwanda if it does not have a Security Programme approved by the Authority evidenced by a certificate issued by the Authority.

Une société n'est autorisée à approvisionner ou servir le repas dans un aéronef qui décolle du Rwanda que si elle dispose d'un Programme de Sûreté approuvé par l'Office et d'un certificat délivré par ce dernier.

Ingingo ya 18: Gahunda y'Igihugu y'amahugurwa ku bijyanye n'umutekano w'iby'indege za gisiviri

Urwego rugomba gutegura Gahunda y'Igihugu y'amahugurwa y'umutekano w'iby'indege za gisiviri agenewe abakozi b'inzego zose zifite uruhare rwo gushyira mu bikorwa ibyiciro bitandukanye bigize Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'indege za gisiviri.

Urwego ruhuza ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'Igihugu y'amahugurwa y'umutekano w'iby'indege za gisiviri.

Urwego rumenyesha inzego zirebwa na gahunda y'Igihugu y'amahugurwa y'umutekano w'iby'indege za gisiviri amahugurwa akenewe kugira ngo iyi gahunda ishyirwe mu bikorwa.

Article 18: National Civil Aviation Security Training Programme

The Authority develops and maintains a National Civil Aviation Security Training Programme for personnel of all organs involved in the implementation of various aspects of the National Civil Aviation Security Programme.

The Authority coordinates activities relating to the implementation of the National Civil Aviation Security Training Programme.

The Authority notifies the organs concerned by the National Civil Aviation Security Training Programme of training needs for the implementation of the Programme.

Article 18: Programme National de Formation en matière de Sûreté de l'Aviation civile

L'Office doit élaborer un Programme National de Formation en matière de Sûreté de l'aviation civile destiné au personnel de tous les organes impliqués dans la mise en œuvre des divers aspects du Programme National de Sûreté de l'Aviation Civile.

L'Office coordonne les activités de mise en œuvre du Programme National de Formation en matière de sûreté de l'aviation civile.

L'Office notifie aux entités concernées par le Programme National de Formation en matière de sûreté de l'aviation civile les besoins en formation pour que ce programme soit mis en œuvre.

Ingingo ya 19: Gahunda y'umutekano y'abatanga serivisi zo kuyobora indege mu kirere

Abatanga serivisi zo kuyobora indege mu kirere bagomba gutegura bakanashyira mu bikorwa gahunda y'umutekano ijyanye n'ibisabwa muri

Article 19: Air Navigation service providers Security Programme

Air Navigation service providers shall develop, maintain and implement an appropriate security provisions to meet the requirements of the National Civil

Article 19: Programme de sécurité des prestataires de services de navigation aérienne

Les prestataires de services de navigation aérienne doivent mettre en place et appliquer des dispositions de sécurité appropriées pour répondre

Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'indege za gisiviri.

Aviation Security Programme.

aux exigences du programme national de sécurité de l'aviation civile.

Ingingo ya 20: Gahunda y'amahugurwa y' ushinzwe ibikorwa

Article 20: Operator's training programme

Article 20: Programme de formation de l'exploitant

Ushinzwe ibikorwa agomba gutegura akanashyira mu bikorwa gahunda y'amahugurwa kugira ngo ibikorwa by'umutekano bigende neza, kandi iyo gahunda y'amahugurwa ikurikiza ibiteganwa n'iri tegeko na gahunda y'Igihugu y'amahugurwa y'umutekano w'iby'indege za gisiviri.

An operator shall develop, maintain and implement a training programme for the effective application of security operations, and the training programme shall be in accordance with the requirements prescribed in this Law and the National Civil Aviation Security Training Programme.

Tout exploitant élabore et met en œuvre un programme de formation afin de garantir l'application efficace de ses opérations de sûreté. Le programme de formation doit être conforme aux exigences du Programme National de Sûreté de l'Aviation Civile et de la présente loi.

Gahunda y'amahugurwa ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ishyikirizwa Urwego ngo ruyemeze.

The training programme referred to in Paragraph One of this Article is submitted to the Authority for approval.

Le programme de formation visé à l'alinéa premier du présent article est soumis à l'Office pour approbation.

UMUTWE WA IV: INGAMBA ZO GUKUMIRA UMUTEKANO MUKE

CHAPTER IV: PREVENTIVE SECURITY MEASURES

CHAPITRE IV: MESURES PREVENTIVES DE SÛRETÉ

Ingingo ya 21: Gukumira ibikorwa binyuranyije n'amategeko

Article 21: Prevention of unlawful acts

Article 21: Prévention des actes illicites

Urwego rufata ingamba zikwiye iyo rufite amakuru yizewe avuga ko indege ishobora gukorerwa ibikorwa binyuranyije n'amategeko.

When reliable information exists that an aircraft may be subject to unlawful acts, the Authority takes adequate measures to prevent such acts.

L'Office prend les mesures adéquates, lorsqu'il existe des informations fiables qu'un aéronef est susceptible de faire l'objet d'actes illicites.

Urwego rukurikirana ko iperereza rikorwa ku bintu bibi byatera ingorane ku kibuga

The Authority ensures that investigation of suspected dangerous devices or other

L'Office s'assure des investigations sur les actes illicites susceptibles de

cy'indege n'uko ingamba zo gukuraho burundu izo ngorane zafashwe.

potential hazards at airports are conducted and arrangements to completely dispose of them are done.

provoquer des dangers à l'aéroport et prend des mesures d'éliminer définitivement ces dangers.

Urwego rukurikirana ko umuntu ucunga ikibuga cy'indege afite abakozi bakenewe kandi bahuguwe bihagije bo gukora akazi k'umutekano ahantu hose ku kibuga cy'indege za gisiviri gikekwaho ko hashobora cyangwa habaye koko igikorwa kinyuranyije n'amategeko.

The Authority ensures that the Operator concerned has a sufficient number of trained personnel required to ensure the security of the entire civil aviation airport where there are suspected or actual cases of unlawful acts.

L'Office doit disposer d'un personnel suffisant et qualifié opérant sur toute l'étendue de l'aéroport en cas de soupçons d'acte illicite ou d'acte illicite effectivement survenu.

Ingingo ya 22: Icungwa ry'umutekano w'ikibuga cy'indege

Article 22: Airport security control

Article 22: Contrôle de sûreté aéroportuaire

Umuntu ucunga ikibuga cy'indege agomba gucunga umutekano w'ikibuga arengera abagenzi n'ibintu byabo, abakozi bo mu ndege, indege n'abandi bakoresha ikibuga cy'indege, ikibuga ubwacyo, ibikoresho no gukumira ibikorwa binyuranyije n'amategeko.

Every airport operator shall control airport security for the purpose of protecting passengers and their goods, crew members, aircraft, airport and aviation facilities and preventing unlawful acts.

Tout exploitant aéroportuaire doit garantir la sûreté au sein de l'aéroport en vue de protéger les passagers et leurs biens, les membres d'équipage, les aéronefs, l'aéroport et les installations de celui-ci et de prévenir contre les actes illicites.

Ingingo ya 23: Igenwa ry'ahantu ntavogerwa n'ibiharanga

Article 23: Designation of security restricted areas

Article 23: Désignation des zones de sûreté à accès réglementé

Ahantu ntavogerwa hagenwa n'Umuntu ucunga ikibuga cy'indege afatanyije n'abandi bakozi bireba ku mpamvu z'umutekano.

Security restricted areas are designated by the airport operator in conjunction with other concerned persons for security reasons.

Pour des raisons de sécurité, les zones de sûreté à accès réglementé sont désignées par l'exploitant aéroportuaire conjointement avec les autres personnes concernées.

Umuntu ucunga ikibuga cy'indege agena amarembo yemewe yinjira ahantu ntavogerwa kandi areba yuko ayo marembo arinzwe bihagije ku buryo bukumira umuntu utemerewe kuhagera.

The airport operator specifies the recognized places of entry through the security restricted area barrier and ensures that the area has adequate physical protection to prevent unauthorized access.

L'exploitant aéroportuaire spécifie les points d'accès reconnus au niveau de la barrière de la zone de sûreté à accès réglementé et garantit que la zone bénéficie d'une protection matérielle adéquate pour empêcher tout accès non autorisé.

Ahantu ntavogerwa hose hagomba kugira ibimenyetso byerekana ko hatavogerwa.

All restricted areas shall be designated by signposting indicating that they are security restricted areas.

Toutes les zones de sûreté à accès réglementé doivent comporter une signalisation y interdisant l'accès.

Umuntu ucunga ikibuga cy'indege agomba kugira ikarita y'ikibuga cy'indege yerekana ahantu ntavogerwa, uburinzi bw'aho hantu n'amarembo yinjiramo.

The airport operator shall keep a current scale map of the airport on the airport premises which identifies security restricted areas, security barriers and security restricted area access points.

L'exploitant aéroportuaire doit conserver une carte de l'aéroport à l'échelle précisant les zones de sûreté à accès réglementé, les barrières de sûreté et les points d'accès à ces zones.

Ingingo ya 24: Uruhushya rwo kwinjira ahantu ntavogerwa

Article 24: Permission to access security restricted areas

Article 24 Permis d'accès aux zones de sûreté à accès réglementé

Uruhushya rwo kwinjira ahantu ntavogerwa n'ahandi hose hari ibikorwa by'ikibuga cy'indege bifasha mu mirimo y'indege za gisiviri ni ngombwa. Urwo ruhushya rutangwa n'umuntu ucunga ikibuga cy'indege.

Permission to access security restricted areas and other airport facilities designed for civil aviation is required. The permission is issued by the airport operator.

Le permis d'accès aux zones de sûreté à accès réglementé et aux autres installations servant à l'aviation civile est le moyen utilisé pour protéger ces endroits. Ce permis est délivré par l'exploitant aéroportuaire.

Uruhushya rwo kwinjira ahantu ntavogerwa ku kibuga cy'indege rutangwa mu buryo

Security restricted area permit is issued in accordance with the provisions of the National Civil Aviation Security

Les permis d'accès aux zones de sûreté à accès réglementé de l'aéroport sont délivrés

buteganywa na Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'indege za gisiviri.	Programme.	conformément aux dispositions du Programme National de Sûreté de l'Aviation Civile.
Umuntu wahawe uruhushya rwo kwinjira ahantu ntavogerwa agomba kurwambara nk'uko biteganywa muri Gahunda y'Umutekano w'ikibuga cy'indege.	Any person granted permit to access security restricted areas shall carry a clearly displayed permit as provided under the Airport Security Programme.	Toute personne jouissant d'un permis d'accès aux zones de sûreté à accès réglementé doit le porter de manière visible comme prévu par le Programme de sûreté de l'aéroport.
Uwahawe uruhushya ruvugwa muri iyi ngingo ntiyemerewe kurutiza.	The person granted the permission referred to under this Article is not allowed to transfer the permit.	La personne jouissant d'un permis visé au présent article n'est pas autorisée à le transmettre à une autre personne.
Ingingo ya 25: Uruzitiro rw'ikibuga cy'indege	**Article 25: Airport boundary**	**Article 25: Limite aéroportuaire**
Umuntu ucunga ikibuga cy'indege azitira ahakenewe gucungirwa umutekano wihariye kandi ashyiraho ibimenyetso bibuza kuhavogera.	An airport operator fences areas which require security in a particular way and installs signs warning against trespassing.	L'exploitant aéroportuaire clôture les zones qui exigent la sécurité de manière particulière et y installe la signalisation permettant d'empêcher l'accès non autorisé.
Ingingo ya 26: Kwitwaza cyangwa kwinjiza imbunda, ibisasu, ibiturika, ibindi bintu byatera akaga cyangwa inkongi y'umuriro ku kibuga cy'indege	**Article 26: Carriage or introduction of firearms, explosives or other items likely to cause danger or fire into airport premises**	**Article 26: Transport ou introduction d'armes à feu, explosifs ou autres articles susceptibles de causer un danger ou un incendie dans les locaux aéroportuaires**
Uretse abashinzwe umutekano bari mu kazi, nta wemerewe kwitwaza cyangwa kwinjiza	Except for law enforcement officers on duty, no person is allowed to carry or	A l'exception des agents de l'ordre en service, nul ne peut porter ou

imbunda, ibisasu, ibiturika, ibindi bintu byatera akaga cyangwa inkongi y'umuriro ku kibuga cy'indege atabiherewe uruhushya rwanditse.

introduce firearms, explosives or other items likely to cause danger or fire onto airport premises, unless authorized to do so in writing.

introduire dans les locaux de l'aéroport, des armes à feu, des explosifs ou d'autres articles suceptibles de causer un danger ou un incendie, à moins d'y être dûment autorisé par écrit.

Umuntu ucunga ikibuga cy'indege akora ku buryo nta muntu utabyemerewe witwaza cyangwa winjijza imbunda, ibisasu, ibiturika, ibintu byatera akaga cyangwa inkongi y'umuriro ku kibuga cy'indege.

The airport operator ensures that no unauthorized person carries or introduces firearms, explosives or other items likely to cause danger or fire onto airport premises.

L'exploitant aéroportuaire s'assure qu'aucune personne non autorisée ne porte ni n'introduit des armes à feu, explosifs ou d'autres articles suceptibles de causer un danger ou un incendie dans les locaux de l'aéroport.

<u>Ingingo ya 27:</u> Kugenzura ibibujijwe

<u>Article 27:</u> Control of prohibited items

<u>Article 27:</u> Contrôle des articles interdits

Nta muntu wemerewe kujya ahantu hakurikira atagenzuwe:

No person enters the following areas unless he or she undergoes screening:

Personne ne peut entrer dans les zones suivantes sans subir un contrôle de sécurité:

1° ahantu ntavogerwa ku kibuga cy'indege;

1° a security restricted area;

1° une zone de sûreté à accès réglementé;

2° mu ndege;

2° on board an aircraft;

2° à bord d'un aéronef;

3° ahantu hari ibyuma by'itumanaho bikorana n'indege.

3° an air navigation installation.

3° l'intérieur d'une installation de navigation.

Ibibujijwe kwinjizwa ku kibuga cy'indege birimo ibi bikurika:

The items prohibited from entering in the airport include the following:

Les articles interdits à l'aéroport comprennent:

1° imbunda, zaba zirimo amasasu cyangwa atarimo, ibisasu, ibiturika n'ibindi byatera inkongi y'umuriro;

2° uburozi, ibihumanya cyangwa ibisa nabwo, ibintu bishobora gukoreshwa mu ikomeretsa, kugirira nabi umuntu cyangwa byakwangiza bikanasenya ibintu;

3° ibintu bigaragara nk'imbunda, ibisasu, bombe, gerenade cyangwa ibisa nabyo mbere cyangwa nyuma yo gukorerwa isuzuma;

4° ikindi kintu cyose cyatera akaga cyangwa icyateganywa n'Urwego igihe bibaye ngombwa.

1° firearms or articles appearing to be firearms, whether or not they are loaded, explosives and other flammable materials;

2° chemical or biological agents, things capable of being used for causing injury to or incapacitating persons or damaging and destroying property;

3° articles manufactured or adapted to have the appearance of explosives in the form of a bomb, grenade or otherwise;

4° any other dangerous article or substance or other item prescribed by the Authority, if necessary.

1° les armes à feu ou articles apparaissant comme telles, qu'elles soient chargées ou non, les explosifs ou autres matières inflammables;

2° les substances chimiques ou biologiques, les matières susceptibles d'être utilisées pour causer des blessures, pour rendre des personnes invalides ou pour endommager et détruire des biens;

3° les articles confectionnés ou adaptés pour prendre l'apparence d'explosifs, sous la forme d'une bombe, d'une grenade ou autre produit semblable;

4° tout autre article ou substance dangereuse, ou autre article signalé au cas par cas par l'Office, en cas de besoin.

Ingingo ya 28: Uruhare rw'abakodesha cyangwa abakorera ku kibuga cy'indege mu gucunga umutekano

Umuntu ucunga ikibuga amenyesha abantu bose bakodesha cyangwa abakorera ku kibuga cy'indege bafite ibiro cyangwa aho bakorera hafatanye n'ibice ntavogerwa by'ikibuga

Article 28: Security responsibilities of airport tenants or operators

An airport operator informs all tenants whose premises or offices are adjacent to restricted areas of the airport of their responsibility for the security of that

Article 28: Responsabilités des locataires ou exploitants de l'aéroport en matière de sécurité

L'exploitant aéroportuaire informe tous les occupants des locaux ou bureaux proches de la partie de la zone de sûreté et qui peuvent donner

hashobora kwinjirirwa ko aribo bashinzwe umutekano w'aho hantu kandi ko bagomba gukora imirimo yabo bubahiriza Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'indege za gisiviri.

area, and to carry out business in compliance with the National Civil Aviation Security Programme.

accès à celle-ci qu'ils sont responsables de la sûreté de cette zone et qu'ils doivent exercer leurs activités conformément au Programme National de Sûreté de l'Aviation Civile.

Urwego rusaba abakodesha cyangwa abakorera ku kibuga cy'indege gushyiraho no gushyira mu bikorwa Gahunda y'Umutekano.

The Authority may require the airport tenants to develop and implement a tenant security programme.

L'Office peut obliger les locataires de l'aéroport à élaborer et mettre en œuvre un programme de sécurité des locataires de l'aéroport.

Ingingo ya 29: Ububasha bw'umuntu ucunga ikibuga cy'indege mu gihe cy'umutekano muke

Article 29: Powers of the airport operator in the event of a security threat

Article 29: Pouvoirs de l'exploitant aéroportuaire en cas de menace

Umuntu ucunga ikibuga cy'indege abonye ko hari ikintu gishobora guhungabanya umutekano ku kibuga cy'indege, ahita afata ibyemezo bya ngombwa mu kubungabunga umutekano ku kibuga cy'indege akihutira kumenyesha Urwego.

Where an airport operator notes that there is a threat that affects the security of the airport, he or she immediately takes all measures necessary to ensure the safety of the airport and informs the Authority.

Lorsqu'un exploitant aéroportuaire estime qu'une menace compromet la sûreté de l'aéroport, il prend sans délai toutes les mesures nécessaires pour garantir la sûreté de l'aéroport et en informe l'Office.

Ingingo ya 30: Kubika inyandiko

Article 30: Recordkeeping

Article 30: Conservation des documents

Ushinzwe ibikorwa abika inyandiko zijyanye na buri kibazo cy'umutekano cyabaye ku kibuga cy'indege nibura mu gihe cy'imyaka makumyabiri (20) ikibazo kibaye.

An airport operator keeps a record of every security incident occurring at the airport for a period of at least twenty (20) years from the occurrence of the incident.

Tout exploitant conserve les comptes rendus de tout incident de sûreté survenu à l'aéroport pour une période d'au moins vingt (20) ans à compter de la survenance de l'incident.

Ingingo ya 31: Inshingano za nyir'indege cyangwa ukoresha indege

Nyir'indege cyangwa uyikoresha mu Rwanda yita kuri ibi bikurikira:

1° agomba kwita ku mutekano w'indege ye;

2° ntagomba gutwara umuzigo w'umugenzi utari mu ndege keretse iyo uwo muzigo wakorewe igenzura ryihariye ry'umutekano kandi rihagije, harimo kuwusaka bamaze kumenya ko umugenzi atari mu ndege;

3° ntagomba kwemera ko imizigo, amabaruwa yihuta bijyana n'abagenzi mu ndege, keretse iyo umutekano w'iyo mizigo n'amabaruwa byakorewe isuzuma kandi wishingiwe n'umuntu wemerewe;

4° ategura akanakora impinduka zikenewe akanashyira mu bikorwa Gahunda y'Umutekano ya nyir'indege hakurikijwe Gahunda y'Igihugu y'Umutekano

Article 31: Responsibilities of an aircraft owner or operator

An aircraft owner or operator in Rwanda shall comply with the following:

1° be accountable for the security of his or her aircraft;

2° not carry baggage of a passenger who is not on board the aircraft unless that baggage is subject to appropriate security controls, including screening, after determining that the passenger is not on board;

3° not accept consignments of cargo and express mail for carriage on passenger flights unless the security of such consignments and mail is subject to controls and accounted for by an authorized agent;

4° develop, maintain and implement an aircraft operator security programme in accordance with the National Civil Aviation Security

Article 31: Responsabilités du propriétaire ou de l'exploitant d'aéronef

Le propriétaire ou l'exploitant d'aéronef au Rwanda doit se conformer à ce qui suit:

1° être responsable de la sûreté de son aéronef;

2° ne pas transporter le bagage d'un passager qui ne se trouve pas à bord de l'aéronef, à moins que ledit bagage ait fait l'objet de contrôle de sûreté approprié, y compris l'inspection, après qu'il ait été déterminé que le passager ne se trouve pas à bord;

3° ne pas accepter le transport de fret et de courriers exprès sur un vol de passagers, à moins que la sûreté de ces fret et courriers a fait l'objet de contrôle et est assurée par un agent autorisé;

4° élaborer, maintenir et mettre en œuvre un programme de sûreté d'exploitant d'aéronef conformément au Programme national de sûreté de l'aviation

w'iby'indege za gisiviri.

Ingingo ya 32: Kubuza abantu kugera mu cyumba cy'abapilote b'indege

Ukoresha indege akora ubucuruzi bwo gutwara abantu agomba:

1° gushyiraho uburyo bwo gufunga urugi rw'umuryango winjira mu cyumba cy'abapilote b'indege kandi uwo muryango ugahora ufunze igihe cyose indege iri mu kirere ugafungurwa gusa n'abemerewe kwinjiramo;

2° gushyiraho ingamba zikwiriye zo kubuza abantu batabyemerewe kwinjira muri icyo cyumba.

Ingingo ya 33: Abagenzi bakurikiranywe n'inzego z'ubutabera cyangwa iz'ubuyobozi n'abababaherekeje

Abashinzwe umutekano bamenyesha nyir'indege n'umupirote mukuru w'indege iyo hari abagenzi bakurikiranywe n'inzego z'ubutabera cyangwa iz'ubuyobozi bagomba kugenda mu ndege.

Programme.

Article 32: Restricted access to flight crew compartment

An aircraft operator engaged in commercial air transport operation shall:

1° ensure that the flight crew compartment door is locked during flight, and unlocked only by authorized persons;

2° take appropriate measures to prevent unauthorized persons from entering the flight crew compartment.

Article 33: Passengers under administrative or judicial control and persons escorting them

Security officers shall inform the aircraft operator and the pilot-in-command when passengers are obliged to travel because they are subject to judicial or administrative

civile.

Article 32: Interdiction d'accès à la cabine de pilotage

L'exploitant d'aéronef engagé dans le commerce de transport aérien doit:

1° s'assurer que la porte d'accès à la cabine de pilotage demeure fermé pendant la durée du vol, ouverte seulement par des personnes autorisées;

2° prendre des mesures appropriées pour empêcher les personnes non autorisées de pénétrer à l'intérieur de la cabine de pilotage.

Article 33: Passagers faisant l'objet de poursuites judiciaires ou de contentieux administratifs et les personnes qui les escortent

Les forces de l'ordre informent l'exploitant d'aéronef et le commandant de bord lorsque des passagers sont obligés de voyager parce qu'ils font l'objet de poursuites

	proceedings.	judiciaires ou de contentieux administratifs.
Nyir'indege amenyesha umupilote mukuru w'indege umubare w'abantu baherekeje bitwaje intwaro n'abatazifite, umubare w'ababerekejwe n'intebe bicayeho mu ndege.	The aircraft operator informs the pilot-in- command of the number of armed or unarmed escort persons, the individuals whom they are escorting and their seat locations on the aircraft.	L'exploitant d'aéronef informe le commandant de bord du nombre d'escortes armées et non armées, les individus sous escorte et les sièges sur lesquels ils sont assis dans l'aéronef.
Ingingo ya 34: Uburyo bwemewe bwo gutwara intwaro mu ndege n'ahantu ntavogerwa	**Article 34: Authorized carriage of weapons on board aircraft and in security restricted area**	**Article 34: Transport autorisé d'armes à bord d'un aéronef et dans une zone de sûreté à accès interdit**
Gutwara intwaro mu ndege n'ahantu ntavogerwa byemezwa n'Urwego.	Carriage of weapons on board an aircraft and in a Security Restricted Area is authorized by the Authority.	Le transport d'arme à bord d'un aéronef et dans une zone de sûreté à accès réglementé est autorisé par l'Office.
Mu gihe nyir' indege yemeye gutwara intwaro zikuwe ku bagenzi, indege igomba kuba ifite ububiko bw'izo ntwaro aho abagenzi badashobora kugera uhereye igihe indege itangiye urugendo kandi igihe iyo ntwaro ari imbunda harebwa ko itarimo amasasu.	Where an aircraft operator accepts the carriage of weapons removed from passengers, the aircraft shall have space for storing the weapons so that they are inaccessible to passengers during the flight and, in the case of a firearm, to ensure that it is not loaded.	Lorsque l'exploitant d'aéronef accepte le transport d'armes prises sur les passagers, l'aéronef doit disposer d'un endroit réservé au stockage des armes, de sorte que lesdites armes soient inaccessibles aux passagers au cours du vol et, dans le cas d'une arme à feu, s'assurer qu'elle n'est pas chargée.
Haseguriwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, nyir'indege ashobora kwemera cyangwa kwanga gutwara	Subject to the provisions of Paragraph One of this Article, the aircraft operator may accept or refuse to carry a weapon	Sous réserve des dispositions de l'alinéa premier du présent article, l'exploitant d'aéronef peut autoriser

imbunda mu ndege ashingiye ku mategeko agenga iyo sosiyete y'indege.

on board his/her aircraft in accordance with rules and procedures governing that company.

ou refuser le transport d'armes à bord de l'aéronef conformément aux règles et procédures régissant cet exploitant d'aéronef.

Ingingo ya 35: Umuntu ushinzwe umutekano mu ndege

Article 35: In-flight security officer

Article 35: Officier de sûreté en vol

Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'iby'indege za gisiviri ishobora gufata icyemezo cyo gushyiraho abantu bashinzwe umutekano mu ndege. Abo bantu bagomba:

The National Civil Aviation Security Committee may decide to deploy in-flight security officers who are:

Le Comité national de sûreté de l'aviation civile peut décider de déployer des officiers de sûreté en vol qui sont:

1° kuba ari abakozi ba Leta batoranyijwe kandi bahuguwe mu bijyanye no kubahiriza amabwiriza yo kurinda umutekano mu ndege;

1° government personnel specially selected and trained to enforce safety and security guidelines on board an aircraft;

1° les officiers doivent appartenir au personnel du Gouvernement spécialement sélectionnés et formés, prenant en compte les aspects sécuritaires à bord d'un aéronef;

2° gushyirwaho hakurikijwe isesengura ry'ikibazo cy'umutekano w'iby'indege za gisiviri ryakozwe n'Urwego;

2° deployed according to the threat assessment of the Authority.

2° les officiers sont déployés selon l'évaluation de la menace effectuée par l'Office.

Ishyirwaho ry'abantu bashinzwe umutekano mu ndege rivugwa mu gace ka 2° k'igika cya mbere cy'iyi ngingo rikorwa byumvikanyweho n'ibihugu birebwa n'ikibazo cy'umutekano kandi bigakorwa mu ibanga.

The deployment under item 2° of Paragraph One of this Article is done in coordination with concerned States and shall be kept strictly confidential.

Le déploiement prévu au point 2° de l'alinéa premier du présent article s'opère en coordination avec les États concernés et doit être tenu strictement confidentiel.

Byemejwe mu nyandiko, abantu bashinzwe

Where approved in writing, aviation security officers may carry firearms in

Moyennant une décision écrite, les officiers de sûreté de l'aviation

umutekano mu ndege bashobora kwitwaza imbunda hakurikijwe amategeko y'u Rwanda.

Bitabangamiye ibivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo, abandi bantu bemererwa kwitwaza imbunda mu ndege iyo:

1° barinze umutekano w'abantu bihariye bari mu ndege;

2° barinze abagenzi bakurikiranywe n'inzego z'ubutabera cyangwa iz'ubuyobozi;

3° babiherewe uburenganzira n'Urwego;

4° abandi babisabiye uburenganzira kuri urwo rugendo.

<u>Ingingo ya 36</u>: Umuzigo udafite nyirawo

Umuntu ushinzwe umutekano w'iby'indege za gisiviri, iyo afite impamvu ifatika ituma akeka ko umuzigo cyangwa ikindi kintu cyahungabanya umutekano, kubera ko kitazwi, nta nyiracyo ugaragara cyangwa ku yindi mpamvu, amaze gusaka no gusuzuma uwo muzigo, ashobora kuwusenya.

accordance with Rwandan law.

Without prejudice to the provisions of Paragraph 3 of this Article, other persons are allowed to carry firearms on board an aircraft where:

1° they are protecting individual persons on board;

2° they are guarding passengers under judicial or administrative control;

3° they are authorized by the Authority;

4° they have requested authorization for the trip.

<u>Article 36</u>: Unidentified baggage

Where a civil aviation security officer has reasonable cause to suspect that baggage or any other object may constitute a security risk, whether because it is unidentified, unattended or for any other reason, that officer may, after subjecting the item to security controls, destroy the baggage.

peuvent porter des armes à feu conformément à la législation rwandaise.

Sans préjudice des dispositions de l'alinéa 3 du présent article, d'autres personnes sont autorisées à porter des armes à feu lorsque:

1° elles assurent la protection des individus à bord;

2° elles assurent la garde des personnes sous contrôle judiciaire ou administrative;

3° elles en sont autorisées par l'Office;

4° elles ont demandé une autorisation pour ce voyage.

<u>Article 36</u>: Bagage non identifié

Lorsqu'un agent de la sûreté de l'aviation civile a une raison valable de soupçonner qu'un bagage ou tout autre objet peut constituer un risque pour la sûreté, parce qu'il est non identifié, laissé sans surveillance ou toute autre raison, ledit agent peut, après avoir soumis le bagage concerné aux contrôles de sûreté, détruire le bagage.

Ingingo ya 37: Ububasha bwo guhagarika umugenzi

Iyo ushinzwe umutekano w'iby'indege aketse ko umuntu ugiye kwinjira cyangwa uri mu ndege iri mu Rwanda afite umugambi wo gukora icyaha, abyemerewe n'ukuriye umutekano w'ikibuga cy'indege ashobora:

1° kumubuza kujya mu ndege;

2° kumuvana mu ndege;

3° kumufata no kumushyikiriza inzego zibishinzwe.

Article 37: Power to stop passengers from travelling

Where a security officer has reasonable cause to suspect that a person is about to embark on an aircraft in Rwanda or is on board an aircraft in Rwanda and that person intends to commit an offence, the officer may, with the approval of the security officer in charge of the airport:

1° prevent him or her from boarding the aircraft;

2° remove him or her from the aircraft;

3° arrest him or her and surrender him or her to relevant organs.

Article 37: Pouvoir d'interdire le voyage des passagers

Lorsqu'un agent de sûreté a une raison valable de soupçonner qu'une personne est sur le point d'embarquer à bord d'un aéronef au Rwanda, ou se trouve à bord d'un aéronef au Rwanda et qu'elle a l'intention de commettre une infraction, cet agent peut, avec l'accord de l'agent de sûreté responsable de l'aéroport:

1° l'empêcher d'embarquer à bord de l'aéronef;

2° le faire sortir de l'aéronef;

3° l'arrêter et la livrer aux organes compétents.

Ingingo ya 38: Ububasha bw'umupilote mukuru w'indege, umukozi wo mu ndege cyangwa umugenzi

Umupilote mukuru w'indege, iyo afite ibimenyetso bifatika ko umuntu yakoze cyangwa ashaka gukora icyaha mu ndege, ashobora gufata ingamba zo gufata uwo muntu kugira ngo:

Article 38: Powers of the pilot in command, any member of the crew, or any passenger

The pilot in command may, when he or she has reasonable grounds to believe that a person has committed or intends to commit an offence on board the aircraft, take measures to seize and detain him or her in order to:

Article 38: Pouvoirs du commandant de bord, d'un membre de l'équipage ou du passager

Lorsque le commandant de bord a de bonnes raisons de croire qu'une personne a commis ou veut commettre une infraction à bord, il peut prendre des mesures de la saisir et la ligoter pour:

1° arengere umutekano w'abantu, uw'indege n'ibintu biyirimo;

2° acunge imikorere myiza mu ndege;

3° ashobore kugeza uwo muntu ku nzego zibishinzwe nk'uko biteganywa muri iyi ngingo.

1° protect the safety of the aircraft, persons and goods therein;

2° maintain order on board;

3° enable the commander to deliver the person to the competent authorities as provided for in this Article.

1° garantir la sûreté de l'aéronef, des personnes et des biens à bord;

2° maintenir l'ordre à bord;

3° lui permettre de remettre ladite personne aux autorités compétentes selon les dispositions du présent article.

Umupilote mukuru w'indege ashobora kwitabaza cyangwa kwemerera undi mukozi wo mu ndege kuboha umuntu ugomba kubohwa.

Umukozi wo mu ndege uwo ariwe wese cyangwa umugenzi ashobora gufata ingamba zo kurinda umutekano n'ubwo yaba atabiherewe uruhushya n'umupilote mukuru igihe afite impamvu zifatika zituma afata izo ngamba ku buryo bwihutirwa kugira ngo arengere umutekano w'abantu, uw'indege n'ibintu.

The pilot in command may require or authorize the assistance of other crew member to seize the person to be detained.

Any crew member or passenger may take reasonable preventive measures without authorization of the aircraft commander when he or she has reasonable grounds to believe that such action is immediately necessary to protect the safety of the aircraft, persons and property.

Le commandant de bord peut requérir ou autoriser l'assistance d'un autre membre de l'équipage à lier la personne qui doit être ligotée.

Tout membre d'équipage ou tout passager peut prendre, sans l'autorisation du commandant de bord, toutes mesures préventives raisonnables, s'il a de bonnes raisons de croire qu'elles s'imposent immédiatement pour garantir la sûreté de l'aéronef, des personnes et des biens.

Umuntu uboshywe kubera ko yakoze cyangwa yashatse gukora icyaha nk'uko bivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo ntabwo akomeza kubohwa iyo indege iguye ku butaka keretse:

1° iyo igihugu indege iguyemo kitari mu Muryango Mpuzamahanga w'iby'indege za gisiviri kandi

The person detained for having committed or attempted to commit an offence in accordance with Paragraphs One and 2 of this Article shall not be detained after the aircraft lands unless:

1° the country where the aircraft lands is not a member of the International Civil Aviation Organization and

La personne ligotée pour avoir commis ou tenté de commettre une infraction conformément aux alinéas premier et 2 du présent article cesse d'être ligotée lorsque l'aéronef atterrit à moins que:

1° le pays où atterrit l'aéronef n'est pas membre de l'Organisation Internationale de l'Aviation Civile

ubuyobozi bwacyo bukanga ko uwo muntu avanwa mu ndege kugira ngo ashyikirizwe inzego zibishinzwe;	where authorities of the country refuse to permit disembarkation of that person for delivery to the competent authorities;	et que les autorités de cet État refusent le débarquement de cette personne pour sa remise aux autorités compétentes;
2° iyo indege iguye ku butaka ku buryo bw'agahato kandi umupilote mukuru adashobora kugeza uwo muntu ku nzego zibishinzwe;	2° the aircraft makes a forced landing and the aircraft commander is unable to deliver that person to competent authorities;	2° l'aéronef fasse un atterrissage forcé et que le commandant de l'aéronef ne soit en mesure de remettre cette personne aux autorités compétentes;
3° uwo muntu yiyemereye gukomezanya n'indege aboshye.	3° the person agrees to onward carriage while detained.	3° cette personne n'accepte de rester à bord tout en étant ligotée.
Umupilote mukuru ufite umuntu uboshye nk'uko biteganywa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo amenyesha vuba ku buryo bushoboka inzego zibishinzwe mu Rwanda kandi agatanga impamvu yatumye uwo muntu abohwa mbere yuko indege igwa ku butaka bw'u Rwanda.	The pilot in command who has a person detained on board in accordance with the provisions of Paragraphs 2 of this Article immediately notifies the relevant authorities in Rwanda and give reasons as to why the person was trussed up before the aircraft lands on Rwandan territory.	Le commandant de bord qui a, à bord de son aéronef, une personne ligotée conformément aux dispositions de l'alinéas 2 du présent article en informe immédiatement les autorités concernées au Rwanda en donnant les raisons de son ligotage avant que l'aéronef n'atterrisse sur le territoire du Rwanda.
Umupilote mukuru ashobora gushyikiriza inzego zibishinzwe z'ikindi gihugu kiri mu Muryango Mpuzamahanga w'iby'indege za gisiviri indege iguyemo, umuntu wese afitiye ibimenyetso bifatika ko yakoze icyaha mu ndege igihe abona ko icyo cyaha gikabije kandi gishobora guhanishwa amategeko ahana y'u Rwanda.	The pilot in command may deliver any person for whom he or she has reasonable grounds to believe has committed an act on board the aircraft which, in his or her opinion, is a serious offence according to the penal laws of Rwanda, to the competent authorities of any country member of the	Lorsque le commandant de bord a de bonnes raisons de croire qu'une personne a commis à bord de l'aéronef un acte qui, selon lui, constitue une infraction grave, conformément aux lois pénales du Rwanda, il peut remettre ladite personne aux autorités compétentes de tout pays membre de

	International Civil Aviation Organization in which the aircraft lands.	l'Organisation Internationale de l'Aviation Civile sur le territoire duquel atterrit l'aéronef.
Umupilote mukuru w'indege amenyesha inzego zibishinzwe z'igihugu ateganya gukuriramo uwo muntu wakoze icyaha nk'uko biteganywa n'iyi ngingo n'impamvu ituma amukuramo.	The pilot in command informs the authorities of the country where he or she plans to disembark that person as provided for in this Article, and provide the reasons for the disembarkation.	Le commandant de bord informe les autorités du pays sur le territoire duquel il compte débarquer cette personne tel que prévu par le présent article et des raisons de ce débarquement.
Umupilote mukuru w'indege aha inzego zibishinzwe z'igihugu ashyikirije umuntu wakoze icyaha nk'uko biteganywa muri iyi ngingo ibimenyetso n'andi makuru ashobora kuba afite nk'uko biteganywa n'amategeko y'u Rwanda.	The pilot in command furnishes evidence and information which are lawfully in his or her possession, to the authorities to whom any offender is delivered in accordance with the provisions of relevant Rwanda laws.	Le commandant de bord communique aux autorités auxquelles il remet l'auteur de l'infraction, conformément aux dispositions du présent article, les éléments de preuve et d'information qui, conformément à la legislation Rwandaise.
Nta cyaha kibarwa ku mupilote mukuru w'indege, umukozi wo mu ndege, umugenzi, nyir'indege cyangwa uyikoresha kubera ibyemezo byafatiwe umuntu wakoze icyaha mu ndege igihe ibyo byemezo byafashwe hakurikijwe iri tegeko.	The pilot in command, any member of the crew, any passenger, and the owner and operator of the aircraft shall not be held responsible for measures taken against the person who committed an offence on board an aircraft as long as they were taken in accordance with this Law.	Le commandant de bord, un membre d'équipage, un passager, le propriétaire ou l'exploitant de l'aéronef ne peuvent être tenus responsables des mesures prises à l'encontre de la personne ayant commis une infraction à bord d'un aéronef pour autant que ces mesures ont été prises conformément à la présente loi.

Ingingo ya 39: Ububasha bw'umuntu ushinzwe umutekano w'iby'indege za gisiviri	**Article 39: Powers of a civil aviation security officers**	**Article 39: Pouvoirs des officiers de sûreté de l'aviation civile**
Umuntu ushinzwe umutekano w'iby'indege za gisiviri afite ububasha bukurikira:	The civil aviation security officer shall have power to:	L'officier de sûreté de l'aviation civile a le pouvoir de:
1° gusaka abantu n'imitwaro binjirana mu ndege;	1° screen passengers and their cabin baggage;	1° procéder au contrôle des passagers et leurs bagages de cabine;
2° gusaka imitwaro y'abagenzi itinjiranwa mu ndege;	2° screen hold luggage;	2° procéder au contrôle des bagages de soute;
3° gusaka umuzigo n'amabaruwa bitinjiranwa mu ndege;	3° screen cargo, mail and courier other than cabin baggage;	3° procéder au contrôle de fret, de messageries et de courrier autres que les bagages de cabine;
4° gusaka ibinyabiziga byinjira ku kibuga cy'indege n'ahantu ntavogerwa;	4° carry out searches of vehicles entering the airport and security restricted area;	4° procéder à la fouille de véhicules qui entrent à l'aéroport et dans les zones de sûreté à accès réglementé ;
5° kubuza umuntu utabifitiye uruhushya kwinjira ahantu ntavogerwa;	5° stop unauthorized persons from entering a security restricted area;	5° empêcher une personne non autorisée d'entrer dans une zone de sûreté à accès réglementé;
6° kubuza umuntu utabyemerewe kwinjira mu ndege.	6° stop unauthorized persons from entering an aircraft.	6° empêcher une personne non autorisée d'entrer dans l'aéronef.

Ingingo ya 40: Ubusonerwe

Umuyobozi Mukuru w'Urwego ashobora, mu bihe bidasanzwe, gusonera umuntu wese, indege, ikibuga cy'indege, serivisi cyangwa ibindi bikorwa by'indege za gisiviri, kutagengwa n'amabwiriza agenwa n'iri tegeko, iyo gutanga ubwo busonerwe biri mu nyungu rusange kandi bikaba bitabangamiye umutekano w'iby'indege za gisiviri.

Article 40: Exemptions

The Director General of the Authority may, in an emergency situation, exempt any person, aircraft, airport, service or other civil aviation operations from being governed by the regulations provided for under this Law, if such exemption is in the public interest and does not jeopardize civil aviation security.

Article 40: Exemptions

Le Directeur général de l'Office peut, en cas de situation d'urgence, exonérer toute personne, aéronef, aéroport, service ou d'autres opérations de l'aviation civile d'être régis par les règlements prévus par la présente loi, si une telle exemption relève de l'intérêt général et ne compromet pas à la sécurité de l'aviation civile.

UMUTWE WA V: GUTABARA AHABAYE IBIKORWA BINYURANYIJE N'AMATEGEKO

CHAPTER V: RESPONSE IN CASE OF UNLAWFUL ACTS

CHAPITRE V: RIPOSTE EN CAS D'ACTES ILLICITES

Ingingo ya 41: Ingamba zo guhangana n'ibikorwa binyuranyije n'amategeko

Ucunga ikibuga cy'indege agomba gushyiraho ingamba zo guhangana n'ibikorwa binyuranyije n'amategeko zikurikira:

1° gufata ingamba zikwiriye z'umutekano w'abagenzi n'uw'abakozi bo mu ndege, bugarijwe n'igikorwa kinyuranyije n'amategeko, indege iri ku kibuga kugeza ikibazo kirangiye, indege igakomeza urugendo rwayo;

Article 41: Measures against unlawful acts

The airport operator shall implement the following measures against unlawful acts:

1° take adequate measures to protect the safety of passengers and crew members, including technicians of an aircraft which is subject to an unlawful act while on the ground, until the problem is solved and the flight can be continued;

Article 41: Mesures contre les actes illicites

L'exploitant d'aéroport doit mettre en place des mesures suivantes contre les actes illicites**:**

1° prendre les mesures appropriées destinées à assurer la sûreté des passagers et de l'équipage d'un aéronef au sol faisant l'objet d'un acte illicite, jusqu'à ce que le problème soit résolu et que le vol se poursuive;

2° gufasha indege yakorewe ibikorwa binyuranyije n'amategeko;

3° kumenyesha igihugu indege yanditseho n'igihugu cy'uyikoresha igihe iyo ndege ihuye n'igikorwa kinyuranyije n'amategeko.

Ingingo ya 42: Kumenyekanisha no gutanga raporo ku gikorwa kinyuranyije n'amategeko

Ushinzwe ibikorwa umenye igikorwa kinyuranyije n'amategeko nk'uko biteganywa n'iri tegeko yihutira kubimenyesha Urwego.

Buri mupilote mukuru n'ushinzwe gutanga serivisi zifasha indege mu kirere, agomba kwihutira kumenyesha Urwego no kuruha raporo zikurikira:

1° raporo y'ibanze yanditse mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48) igikorwa kinyuranyije n'amategeko kimaze kuba;

2° raporo yuzuye hamaze kurangira ipererezа mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikibazo kibaye.

2° provide assistance to an aircraft subject to unlawful acts;

3° notify the State where the aircraft is registered and the State of the operator of the aircraft subject to an unlawful act.

Article 42: Notifying and reporting unlawful acts

An operator who is aware of an unlawful act according to the provisions of this Law immediately notifies the Authority.

Every pilot in command and air navigation service provider shall submit to the Authority the following reports:

1° a preliminary written report, in a period not exceeding forty-eight (48) hours after the occurrence of an unlawful act;

2° a final written report, upon completion of investigations within thirty (30) days of the occurrence of an unlawful act.

2° prêter assistance à un aéronef faisant l'objet d'actes illicites;

3° notifier à l'État d'immatriculation et à l'État de l'exploitant de l'aéronef faisant l'objet d'un acte illicite.

Article 42: Faire un rapport ou informer de tout acte illicite

L'exploitant qui prend connaissance d'un acte illicite tel que prévu par la présente loi en informe immédiatement l'Office.

Chaque commandant de bord et prestataire de service de navigation aérienne doit soumettre à l'Office les rapports suivants:

1° un rapport préliminaire écrit dans un délai de quarante-huit (48) heures après la survenance de l'acte illicite, y compris le sabotage;

2° un rapport final écrit, à l'issue des investigations, dans les trente (30) jours suivant la survenance de l'acte illicite.

Ingingo ya 43: Kumenyesha Umuryango Mpuzamahanga w'iby'indege za gisiviri

Urwego rumenyesha Umuryango Mpuzamahanga w'iby'indege za gisiviri, iyo habaye igikorwa kinyuranyije n'amategeko ku buryo bukurikira:

1. rutanga raporo y'ibanze irimo amakuru y'ingenzi ku kibazo cy'umutekano cyabaye kandi igatangwa mu minsi mirongo itatu (30) igikorwa kimaze kuba;

2. rutanga raporo ya nyuma irimo imyanzuro kandi igatangwa mu minsi mirongo itandatu (60) igikorwa kimaze kuba. Urwego rugenera kopi ya raporo zahawe Umuryango Mpuzamahanga w'iby'Indege za gisiviri aba bakurikira:

   1° igihugu indege yanditseho n'igihugu kiyikoresha;

   2° buri gihugu kizwi ko abaturage bacyo bari muri iyo ndege;

Article 43: Notification to the International Civil Aviation Organization

The Authority, where an unlawful act has occurred, informs the International Civil Aviation Organization as follows:

1. submit a preliminary report, within thirty (30) days after the occurrence of the act, containing all pertinent information concerning the security aspects of the act;

2. submit a final report containing conclusions, within sixty (60) days after the occurrence of the act. The Authority provides copies of reports submitted to the International Civil Aviation Organization to the following:

   1° the State where the aircraft is registered and the State of the operator;

   2° each State whose citizens were known to be on board the aircraft;

Article 43: Informer l'Organisation de l'Aviation civile internationale

L'Office informe, en cas d'acte illicite, l'Organisation de l'Aviation civile internationale de la façon suivante:

1. présenter un rapport préliminaire, dans les trente jours (30) après la survenance de l'acte, contenant toutes les informations pertinentes concernant les aspects sécuritaires de l'acte;

2. présenter un rapport final complet accompagné de conclusions, dans les soixante (60) jours après la survenance de l'acte. L'Office réserve copies des rapports soumis à l'Organisation de l'Aviation civile internationale à ceux qui suivent:

   1° l'État d'immatriculation de l'aéronef et l'État de l'exploitant;

   2° tout État dont on sait qu'il a des ressortissants qui se trouvaient à bord de l'aéronef ;

3° buri gihugu abaturage bacyo bafashweho ingwate;

4° buri gihugu gifite abaturage bapfuye cyangwa bakomeretse.

3° each State whose citizens were detained as hostages;

4° each State whose citizens died or were injured.

3° tout État dont les ressortissants ont été pris en otages;

4° tout État dont des ressortissants sont morts ou blessés.

UMUTWE WA VI: AMAKOSA YO MU RWEGO RWUBUTEGETSI, IBYAHA N'IBIHANO

Ingingo ya 44: Amakosa yo mu rwego rw'ubutegetsi n'ibihano byayo

Amakosa yo mu rwego rw'ubutegetsi n'ibihano byayo bigenwa n'iteka rya Minisitiri.

Ingingo ya 45: Guhohotera, gutambamira cyangwa kwigomeka k'ushinzwe umutekano

Umuntu wese:

1° uhohotera**,** utambamira**,** uwigomeka, utera ubwoba cyangwa ukoresha ibikangisho mu bikorwa cyangwa mu mvugo k'ushinzwe umutekano w'iby'indege, ushinzwe umutekano mu ndege cyangwa umuntu wemerewe**;**

2° wanga gukurikiza ibisabwa n'ucunga ikibuga cy'indege ushinzwe umutekano

CHAPTER VI: ADMINISTRATIVE FAULTS, OFFENCES AND PENALTIES

Article 44:Administrative faults and related penalties

An Order of the Minister determines administrative faults and related penalties.

Article 45: Assault, obstruction or disobedience against a security officer

Any person who:

1° assaults, obstructs, disobeys, intimidates or threatens, whether physically or verbally, an aviation security officer, in-flight security officer or authorized person;

2° refuses to follow an instruction given by the airport operator, an aviation

CHAPITRE VI: FAUTES ADMINISTRATIVES, INFRACTIONS ET PEINES

Article 44: Fautes administratives et peines y relatives

Un arrêté du Ministre détermine les fautes administratives et les peines y relatives.

Article 45: Agression, entrave ou intimidation contre un agent de sûreté

Toute personne qui:

1° agresse, entrave, intimide ou menace, physiquement ou verbalement, un agent de sûreté de l'aviation, un agent de sûreté en vol ou une personne autorisée;

2° refuse de suivre une instruction donnée par l'exploitant d'aéroport,

w'iby'indege, ushinzwe umutekano mu ndege cyangwa umuntu wemerewe**;**	security officer, in-flight security officer or authorized person;	un agent de sûreté de l'aviation, un agent de sûreté en vol ou une personne autorisée;
3° wiyitirira ububasha butangwa n'iri tegeko;	3° purports to have the powers granted by this law;	3° s'arroge les pouvoirs conférés par la présente loi;

aba akoze icyaha.

commits an offence.

commet une infraction.

Umuntu ukoze icyaha giteganywa mu gace ka mbere k'iyi ngingo, iyo abihamijwe n'Urukiko ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni umunani (8.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

Upon conviction of offence referred to in item 1° of this Article, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years but not more than five (5) years and a fine of not less than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) but not more than eight million Rwandan francs (FRW 8,000,000) or only one of these penalties.

Lorsqu'elle est reconnue coupable de l'infraction visée au point 1° du présent article, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) mais n'excédant pas huit millions de francs rwandais (8.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Umuntu ukoze icyaha giteganywa mu gace ka 2° n'aka 3° tw'iyi ngingo, iyo abihamijwe n'Urukiko ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

Upon conviction of the offence referred to in items 2 and 3 of this Article, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months but not more than one (1) year and a fine of not less than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) but not more than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) or only one of these penalties.

